

Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsu

Nº. E-75 TARIKI 29 NZERI - 5 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw

AMAKURU


Perezida Kagame yasabye abayobozi kurinda abaturage guhora bikoreye ibibazo



2

AMAKURU

Toni 40 000 za peteroli u Rwanda rwatumije mu mahanga zageze ku cyambu cya Mombasa



7

UBUKUNGU

U Rwanda rwemerewe miliyari 26,6 Frw yo kubaka ibyumba bikonjesha



10

MU NTARA

Abashoramari berekeje amaso i Huye, amacumbi n'inganda bishobora kwiyoungera



14



MINEDUC yashimiye abarimu ku Munsu Mpuzamahanga wa Mwarimu

SHEMA Ivan

Minisiteri y'Ubu-rezi (MINEDUC) yashimiye abarimu b'u Rwanda ku bwitange n'urukundo bagaragaza mu kazi kabo ka buri munsu, bafasha abana kugira ubumenyi n'icyizere cyo kubaka ejo hazaza n'ah'igihugu muri rusange.

Minisiteri yabitangaje ku wa Mbere, ubwo u Rwanda rwifatanyije n'ibindi bihugu byo hirya no hino ku Isi kwizihiza Umunsu Mpuzamahanga wa Mwarimu uba buri tariki ya 5 Ukwakira, Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph, yagize ati: "Mbashimiye kuba mwarahisemo inshingano y'agaciro yo kurerera u Rwanda, mugategura ejo hazaza harwo. Mbashimiye ubumenyi mutanga, igihe n'imbaraga mushyira mu kwigisha, ndetse n'urukundo mukorana uyu murimo."

Yibukije ko buri wese aba afite umwarimu umwe yibuka wagize uruhare rukomeye mu buzima bwe, amugaruriye icyizere cyangwa amwereka ko ashobora kugera kure kurusha uko yabitekerezaga.

Minisitiri Nsengimana yakomeje ashimangira ko umurimo wa mwarimu utarangirira mu ishuri gusa, ahubwo ugira uruhare mu kubaka umuntu no kubaka igihugu. Yijeje ko MINEDUC izakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo umwarimu yitabweho, ahabwe agaciro kandi akore mu buryo bumufasha gutanga umusaruro.

KOMEZA KU RUP.3



MINEDUC yashimiye ubwitange n'urukundo by'abarimu barerera u Rwanda

Ibireti biracyari isoko y'ubukire nyuma y'imyaka 90 bigeze mu Rwanda

NGABOYABAHIZI Protais

Imyaka 90 irashize ubuhinzi bw'ibireti bugejejwe mu Rwanda nka kimwe mu bihingwa byinjijwe mu gihugu n'abakoloni b'Ababiligi mu mwaka wa 1936. Ni kimwe mu bihingwa bishya byazanywe nabo bakoloni, kuri ubu bifite umumaro mu kwinji-

riza benshi amafaranga atubutse ndetse binatanga umusaruro mu gukora imiti itanga ibisubizo binyuranye.

Kuva Leta yatangira gushyira imbaraga nyinshi mu buhinzi bw'ibireti nk'igihingwa ngengabukungu mu mwaka wa 1963 kugeza n'uyu munsu, Intara y'Iburengerazuba

iracyafite ibice byinshi bihingwamo, abaturage bakaba bavugaga ko bikiri isoko y'ubukire no guhindura imibereho yabo.

Mu bice bimwe by'Intara y'Iburengerazuba, ubuhinzi bw'ibireti bwabaye isoko y'amafaranga n'akazi ku baturage, aho ababukora bavugaga ko amafaranga bakuramo

yabafashije kugura amasambu, kubaka inzu, kwishyurira abana amashuri kugeza muri kaminuza no kugura amatungo.

Abahinzi bo mu Turere twa Rubavu na Nyabihu bavugaga ko mbere yo gutangira guhinga

KOMEZA KU RUP.3

Afurika ikeneye ibikorwa remezo by’ubuzima bihagije - Dr. Jean Kaseya

KAYITARE Jean Paul

Dr. Jean Kaseya, Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe gishinzwe kurwanya no gukumira indwara ku mugabane wa Afurika (Africa CDC), yatangaje ko Umugabane wa Afurika ukeneye ibintu byinshi by’umwihariko mu bikorwa remezo by’ubuzima.

Yabigarutseho ku wa Gatatu tariki 30 Nzeri 2026 ubwo hatangizwaga Inama ya Gatanu Nyafurika y’Ikoranabuhanga mu Buvuzi (Africa HealthTech Summit, AHTS) yabereye i Kigali (30 Nzeri kugeza ku ya 2 Ukwakira 2026).

Ni inama yahuriye hamwe Abaminisitiri, abayobozi bashinzwe ubuzima rusange, abayobozi b’ibigo by’ikoranabuhanga, abashoramari n’abahanga mu guhanga udushya. Insanganyamatsiko y’uyu mwaka igira iti: “Ubuzima bwiza kuri bose, bushyigikiwe n’inzego z’ubuzima zikoresha ikoranabuhanga ry’ubwenge buhangano.”

Urwego rw’ubuzima muri Afurika ruri mu myaka icumi y’ingenzi izagena icyerekezo cyarwo. Ubwenge buhangano, ibikorwa remezo rusange by’ikoranabuhanga, amakuru ndetse na politiki biri guhindura uburyo serivisi z’ubuzima zitegurwa kandi zigatangwa ku mugabane utuwe n’abantu miliyari 1.4.

Biteganyijwe ko mu 2050 Afurika izaba ituwe na kimwe cya kane cy’abatuye Isi, bikaba byongeraga akamaro ko kubaka inzego z’ubuzima zishobora guhangana n’ibibazo, zihujwe kandi zigashingira ku gukumira indwara kimwe no kuzivura.

Umuyobozi Mukuru w’ikigo cy’Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe gishinzwe kurwanya no gukumira indwara (Africa CDC), Dr. Jean Kaseya, yagize ati: “Iyi nama ihindura umugambi wa politiki ikawugeza ku bikorwa bifatika by’ibikorwa remezo by’ubuzima, kandi ibyo ntibikunze kubaho; Afurika ikeneye byinshi nk’ibi.”



Inama ya gatanu Nyafurika y’Ikoranabuhanga mu Buvuzi yagaragarijwemo ko Afurika igikeneye kongera ibikorwa remezo by’ubuvuzi

AHTS yatangijwe mu 2022 mu rwego rwo gushyigikira gahunda ya Africa CDC yo guhindura serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga no guhuza inzego z’ubuzima rusange, ikoranabuhanga mu itumanaho, ishoramari na politiki.

Muri iyi nama, haribandwa kuri gahunda yateguwe ishingira ku byihutirwa bine bifatanye ari byo; Ubuzima bwiza kuri bose, Ubuvuzi bw’ibanze, Ubuzima bw’imyororokere n’uburen-ganzira bujyanye na bwo; indwara zitandura n’ubuzima bwo mu mutwe.

Ibi byose bishyira gukumira indwara no kugira imibereho myiza ya buri muni mu murongo mugari wo guhindura inzego z’ubuzima.

Uretse ibiganiro rusange, ibihuza Abaminisitiri, ibya tek-niki, imurikabikorwa ndetse n’ibikorwa bifatika, abazitabira baraganira ku nkingi zikenewe kugira ngo habeho inzego z’ubuzima zikoresha ikoranabuhanga ry’ubwenge, zirimo

ubuziranenge bw’amakuru, ubushobozi bwo guhuza no gusangira amakuru, ibikorwa remezo rusange by’ikoranabuhanga, imiyoborere, kubazwa hushingano mu buvuzi, imari, imicungire y’ibikoresho n’ubushobozi bw’abakoz.

Ikibazo nyamukuru kizibandwaho, nk’uko byatangajwe na Africa CDC, mu itangazo rigenewe abanyamakuru, ni ukumenya uburyo udushya mu ikoranabuhanga twakoreshwa muri gahunda z’ubuzima z’ibihugu kandi ikagera ku baturage benshi ku rugero runini.

Muri iyi nama hitabiriye abayobozi mu nzego zitandukanye; harimo Dr. Jean Kaseya, Umuyobozi Mukuru wa Africa CDC; Hon. Dr. Sabin Nsan-zimana, Minisitiri w’Ubuzima w’u Rwanda; Dr. Silvia Paula Valentim Lutucuta, Minisitiri w’Ubuzima wa Angola; H.E. Dr. Chris Baryomunsi, Minisitiri w’Ubuzima wa Uganda; Paula Ingabire, Minisitiri w’Iko-ranabuhanga no Guhanga Udushya w’u Rwanda; Dr. Tatenda Annastacia Mavetera,

Minisitiri w’Ikoranabuhanga mu Itumanaho, Serivisi z’Amaposita n’Itwara ry’Ubu-tumwa wa Zimbabwe; Dr. Iziaq Adekunle, Minisitiri wungirije w’Ubuzima n’Imibereho Myiza y’Abaturage muri Nigeria; ma Lacina Koné, Umuyobozi Mukuru wa Smart Africa.

Bazafatanyaga n’inzego z’ubuzima rusange, ibigo by’ikoranabuhanga, abashoramari, abashakashatsi, abafatanyabikorwa mu iter-

ambere, ba rwiyemezamirimo ndetse n’amatsinda ashinzwe gushyira mu bikorwa gahunda zitandukanye muri Afurika no ku rwego mpuzamahanga.

Iyi nama itegurwa na DALA Africa, ku bufatanye na Africa CDC, Minisitiri y’Ubuzima y’u Rwanda ndetse n’inzego zo ku mugabane wa Afurika n’izi-

indi mpuzamahanga. Igamije guhuza intego za politiki n’ubufatanye, imari, ikoranabuhanga n’ubushobozi bwo gushyira gahunda mu bikorwa bikenewe kugira ngo izo ntego zigerweho.

Africa HealthTech Summit

ni urubuga ngarukamwaka ruhaza za Guverinoma, abahanga mu guhanga udushya, abashoramari, abafata ibyemezo, abashakashatsi n’abafatanyabikorwa mu iter-ambere, hagamijwe guteza imbere inzego z’ubuzima zikoresha ikoranabuhanga ry’ubwenge buhangano, zibereye bose kandi zishingiye ku buryo burambye muri Afurika.

Umwaka wa mbere, iyi nama yakiriye abantu barenga 800. Mu 2025, abitabiriye bari bageze ku 2 601 baturutse mu bihugu 65 no mu miryango 1 311, harimo abatanze ibiganiro 262, ibiganiro 52 n’amahugurwa atandatu yo guhuriza hamwe ibitekerezo no guhanga ibisubizo.

Inama ya gatanu irakomereza kuri uwo muvuduko, ariko ikagura ibiganiro bikava ku ikoranabuhanga mu buzima gusa, bikagera ku buzima bwiza mu buzima bw’umuntu wose no ku nzego z’ubuzima zishingiye ku muntu kandi zashyizweho hagamijwe gukumira indwara.

Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Muni

Ijambo ry’Ibanze

U Rwanda rubuze intwari Dafroza M. Gauthier

Ubuzima bwa Dafroza Mukarumongi Gauthier bwagarageye ko kurinda ukuri gucecekesha no gusigasira amateka bisaba ubwitange n’umurava nk’uwo yagaragaje aharanira kugeza mu butabera abumvaga ko bahiriwe no kubutoroka.

Urupfu rw’uyu mubyeyi ni igihombo gikomeye ku muryango we, ku barokotse Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse no ku Rwanda muri rusange, kuko ubwitange bwe mu kwanga ko amateka y’u Rwanda yakwandikwa n’abashaka kuyagoreka, ahubwo akiyemeza kumara imyaka myinshi aharanira ko ukuri kumenyekana, ko abahohotewe bahabwa ubutabera, kandi ko abakekwaho ibyaha bya Jenocide bagezwa imbere y’ubutabera.

Dafroza Gauthier yitabye Imana ku wa 3 Ukwakira 2026 mu Bugaransa, afite imyaka 72. Yari yareguriye ubuzima bwe guharanira ubutabera, cyane cyane ku bantu bagizweho ingaruka na Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu 2001, we n’umugabo we Alain Gauthier bashinze Collectif des Parties Civiles pour le Rwanda (CPCR), umuryango wagize uruhare mu gukusanya ubuhamya n’ibimenyetso no gukurikirana abakekwaho kugira uruhare muri Jenocide bari mu Bugaransa.

Uyu murimo ntiwari woroshye kuko wasabaga gusubira mu mateka ababaje, gushaka abatangabuhamya, gukusanya ibimenyetso no guhangana n’ingaruka zo kuba hari abashaka guhunga ubutabera cyangwa gupfobya no guhakana Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko Dafroza n’umugabo we Alain ntibigeze bareka umurongo biyemeje.

Ikintu gikomeye mu murage wa Dafroza ni uko atarebye ubutabera nk’ikibazo cy’uwo aza icyaha n’urukiko gusa ahubwo yabonaga ko ubutabera bujyana no guha agaciro ubuhamya bw’abarokotse, kurwanya ihakana n’ipfobya rya Jenocide no kugeza ku bakiri bato ukuri ku mateka ya Jenocide.

U Rwanda rero rufite impamvu yo kumwunamira no kuzirikana uruhare rwe rutagereranywa mu rugendo rwo guharanira ukuri n’ubutabera. Mu mwaka wa 2017, Dafroza na Alain Gauthier bahawe Umudali w’Ubushuti ‘IGIHANGO’ (National Order Of Outstanding Friendship Medal - IGIHANGO), mu rwego rwo gushimira uruhare rwabo mu gukurikirana abakekwaho ibyaha bya Jenocide no guharanira ubutabera.

Umurage Dafroza Gauthier asize, ukomeze gusigasirwa natwe tukiraho mu guha agaciro no gukabya inzozo zo guharanira ukuri yimakaje ubudacogora.

Ubwanditsi

Toni 40 000 za peteroli u Rwanda rwatumije mu mahanga zageze ku cyambu cya Mombasa

ZIGAMA Theoneste

U Rwanda na Kenya byateye intambwe y’ingenzi mu bufatanye bujyanye n’ingufu, aho bakiriye ubwato bw’ibikomoka kuri petolori itunganyije u Rwanda rwatumije mu mahanga.

Ni ubwato bwiswe ‘MT Sea Wolf’ bwageze ku cyumbu cya Mombasa muri Kenya, butwaye Toni 40 000 z’ibikomoka kuri peteroli itunganyijwe, byatumijwe n’Ikigo cy’Igihugu cy’Ubucuruzi bw’Ingufu mu Rwanda (RNEC), aho bwashyigikiriye Ikigo cya Kenya gishinzwe Peteroli.

Uyu muhango wayobowe n’Umunyamabanga wa Leta muri Minisitiri y’Ibikorwa Remezo, Zingiro Armand na James Opiyo Wandayi, Umunyamabanga w’Inama y’Abaminisitiri muri Kenya ushinze Ingufu na Peteroli.

Ukuza kw’uyu muzigo w’ibikomoka kuri peteroli kwatangije ku mugaragoro inzira nshya, u Rwanda ruzajya rukoresha mu gutumiza ibikomoka kuri peteroli bitunganyijwe, hifashishijwe ibikorwa remezo by’icyambu cya Kenya, imiyoboro ya peteroli ndetse n’ubundi buryo bw’ubwikorezi n’ububiko buri muri icyo gihugu.

Zingiro yavuze ko iyi ntambwe ari umusaruro w’icyerekezo gihuriweho n’u Rwanda na Kenya yo gukomeza ukwihaza ku biyanye n’ingufu binyuze mu bufatanye bw’ibihugu byo mu Karere.

Yagize ati: “Iyi nzira nshya inyura mu muhora wa Ruguru izaha u Rwanda, uburyo bwizewe kandi buhendutse bwo gutumiza ibikomoka kuri peteroli bitunganyijwe ubukungu bwacu bushingiraho.

Turashimira bagenzi bacu bo muri Kenya ku bufatanye bagize mu gutuma iyi gahunda ishyirwa mu bikorwa.”

Umunyamabanga w’Inama y’Abaminisitiri muri Kenya ushinze Ingufu na Peteroli, James Opiyo Wandayi, na we yashimye ubu bufatanye.

Yagize ati: “Iyi ni intambwe ishimishije kuri Kenya ndetse no ku bufatanye bwacu n’u Rwanda. Ukuza kw’uyu muzigo wa mbere unyuzwe i Kipevu ni umusaruro w’imyaka hafi itatu y’ubufatanye bwa hafi hagati ya za Guverinoma z’ibihugu byombi, kandi byemeza ko Kenya ari irembo ry’ingenzi ry’ubwikorezi n’ubucuruzi mu Karere. Tuzakomeza gukorana



Toni 40 000 za peteroli u Rwanda rwatumije mu mahanga zageze ku cyambu cya Mombasa

n’u Rwanda kugira ngo iyi nzira itange ingufu zihagije, zinoze kandi zizewe mu myaka iri imbere.”

Itangizwa ry’iyi nzira rishingiye ku masezerano yashyizweho na Guverinoma z’ibihugu byombi agamije kongera gushyiraho Umuhora wa Ruguru ku mwanya w’inzira y’ingenzi u Rwanda rukoresha mu gutumiza ibikomoka kuri peteroli bitunganyijwe, hifashishijwe ibikorwa remezo by’icyambu cya Kenya, imiyoboro ya peteroli ndetse n’ubundi buryo bw’ubwikorezi n’ububiko buri muri icyo gihugu.

Iki kigo gikorana na za Guverinoma, abafatanyabikorwa bo mu Karere ka Afurika y’Iburasirazuba ndetse n’abikorera mu gushaka no gutandukanya amasoko y’ingufu, guteza imbere ibikorwa remezo by’ingenzi no gufungura amahirwe mashya mu rwego rw’ingufu.

Ayo masezerano ashingiye ku mikoranire y’ubwumbikane yashyizweho umukono ku wa 29 Kamena hagati ya Minisitiri y’Ingufu na Peteroli ya Kenya na Minisitiri y’Ubucuruzi n’Inganda mu Rwanda.

Harimo kandi amasezerano y’impande eshatu ahaza izo Minisitiri zombi n’Ikigo cy’u Rwanda gishinzwe Ingufu n’icya Kenya (KPC), ajoyanye no gutwara, kubika, guteganya igihe no kwakira ibikomoka kuri peteroli bitumizwa n’u Rwanda binyuze mu nzira no mu byambu bya Kenya.

Guverinoma z’ibihugu byombi zavuze ko iyi gahunda ari “urugero rufatika rw’ubufatanye n’ubusabane mu Karere k’Afurika y’Iburasirazuba” rujyanye n’itegeko z’Umuryango wa Afurika y’Iburasirazuba (EAC) ndetse n’Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA).

Biteganyijwe ko iyi gahunda izafasha gukomeza umutekano w’ingufu mu Karere, kunoza uburyo ibicuruzwa bitwarwamo no kugabanya ibiciro by’ubwikorezi ku bicuruzwa bya peteroli

byinjizwa mu Rwanda.

Ikigo cy’Igihugu cy’Ubucuruzi bw’Ingufu (RNEC) yashinzwe muri uyu mwaka, mu rwego gukomeza kwihaza ku ngufu mu gihugu no gushyigikira uburyo bwizewe kandi buhamye bwo kubona no kugeza ingufu ku bazikenere.

Iki kigo gikorana na za Guverinoma, abafatanyabikorwa bo mu Karere ka Afurika y’Iburasirazuba ndetse n’abikorera mu gushaka no gutandukanya amasoko y’ingufu, guteza imbere ibikorwa remezo by’ingenzi no gufungura amahirwe mashya mu rwego rw’ingufu.

Muri Nyakanga, Perezida w’Ishyirahamwe ry’Abatumiza Ibikomoka kuri Peteroli mu Rwanda (ASSIMPER), Mutanganda Eric Herbez yavuze ko iyi gahunda izaha abatumiza peteroli mu Rwanda uburyo bwagutse bwo kuyibika, kuko igihe cyo kuyibika muri Kenya kizava ku minsi 30 kikagera kuri 60.

Ibi bizatuma abatumiza ibikomoka kuri peteroli bashobora kubizana mu Rwanda igihe bikenewe, mu gihe igihugu gikomeje kongera ubushobozi bwo kubika peteroli mu bigega byacyo.

Mutanganda yavuze kandi ko iyi gahunda izagabanya ibyago u Rwanda rwagiraga byo kwishingikiriza ku nzira imwe yonyine y’ubwikorezi.

Yagize ati: “Mbere, hafi 90% kugeza kuri 95% by’ibikomoka kuri peteroli byinjiriraga mu nzira imwe. Ubu tuzajya dukoresha inzira ebyiri. Iyo imwe igize ibibazo, tutaba dufitse indi nzira. Ibi bizagirira akamaro isoko rya peteroli ryo mu Gihugu imbere.”

KAYITARE Jean Paul

Umuhora w’Urugamba rwo kubohora Igihugu, uhera ku mupaka wa Kagitumba, umusozi wa Nyampeke ahazwi nka Nyabwishongwezi, Nyagatare mu Mujyi, Gikoba na Shonga mu Karere ka Nyagatare mu Ntara y’Iburasirazuba, ugakomereza mu misozi ya Kentarama, Nyamicucu, Kinyababa, Kaniga, Rubaya, Kivuye ugakomereza mu ishyamba ry’Urugano, riri hagati y’ikirunga cya Gahinga, Sabyinyo na Muhabura.

Medard Bashana, Umuyo-bozi w’Ingoro y’Amateka y’Urugamba rwo guhagarika Jenoside, akaba ari n’Umuy-obozi w’abasura Umuhora mugari w’ayo mateka, avuga ko amateka ahera ku mupaka wa Kagitumba aharasiwe isasu rya mbere ryo gutangiza urugamba rwo kubohora igihugu tariki ya 01 Ukwakira 1990, nyuma y’uko ingabo za RPA zari zihawe amabwiriza n’uwari umugaba w’ingabo Maj. Gen. Fred Gisa Rwigema.

Avuga ko amayeri y’urugamba Inkotanyi zakoresheje, yazige-jeje ku ntsinzi yatumye u Rwanda rugira umucyo, Aban-yarwanda bongera kubana mu bumwe, ububanyi n’amahanga bushyirwa imbere, harwanywa ruswa n’itonesha.

Bamwe mu basura Umuhora w’Urugamba rwo kubohora Igihugu, bavuga ko bahavana amasomo abafasha mu buzima bwabo bwa buri muni ndetse akanabafasha mu nshingano bafite.

Rutagengwa Fidèle wo mu Karere ka Kayonza, avuga ko amasomo yigiye ku Muhora w’Urugamba rwo kubohora Igihugu ari ishyamba ryogukunda igihugu, no gukomereza aho abamubanjirije bahereye n’aho bagejeje ubu.

Ati : «Amasomo tuhavana, ababohoye Igihugu babikoze ari urubyiruko, urubiyiruko ni zo mbaraga z’igihugu. Ni bo babohoye iki gihugu bagikura mu maboko y’abanzi na n’ubu dukwiye gukangurira uruby-iruko rugakomerezaho kuko ni rwo mbaraga z’igihugu.»

Asaba ababyeyi ko urubiyiruko rw’uyu muni ari ukuruba hafi kuko ngo igihugu kidafite urubiyiruko nta mbaraga kiba gifite. Ikindi ni uko urubiyiruko rugomba gufashwa, rugasobanurirwa amateka y’Urugamba rwo kubohora igihugu.

Kazayire Violette wo mu Murenge wa Muhazi mu Karere ka Rwamagana, avuga ko gusura umuhora wo kubohora igihugu bimwungura byinshi cyane ko nta makuru ahagije yari afite. Kuhasura

Abasuye umuhora w’Urugamba rwo kubohora Igihugu bavuze isomo bahigira



Medard Bashana avuga ko amateka ahera ku mupaka wa Kagitumba aharasiwe isasu rya mbere ryo gutangiza Urugamba rwo kubohora Igihugu

byamufashije kumenya byinshi ku buryo na we ashobora kwigisha abandi.

Ati: «Niye ibyo nahigiye namenye ko bari bafite kwihangana guhagije kandi birenze uko twebwe tubifata, kudacika intege ni yo yari intego ya mbere kandi bagakomeza imbere bakirinda gusubira inyuma.»

Yves Uwamahoro na we wo mu Murenge wa Muhazi avuga ko nk’umwe mu rubyiruko rwavutse nyuma ya 1994, yasuye ibice byahereweho bibohorwa agasobanurirwa ibyo Inkotanyi zakoze mu myaka yabo bityo ahigira byinshi.

Ati: «Amateka badusobanuriye agiye kongera kudufasha mu nshingano zacu, kwegera umuturage tukamufasha ibyo dushoboye. Igihugu cyacu kira-cyafite ubushobozi bukeya, hari igihe bamwe mu bakozi uba wumva bavuga ngo ntabwo tubasha kwegera umuturage kuko dukeneye ibya Mirenge ariko tubonye ko n’igihugu cyafashwe nta mbunda zihagije, inzara nyinshi... twebwe icyo tugiye gukora ni ukwiyemeza gukorera umuturage nk’uko Inkotanyi zabikoze zikagera kuri byinshi nta kintu gihambaye zifite.»

Jean Claude Rwagasana, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Muhazi mu Karere ka Rwamagana, avuga ko gusura umuhora w’urugamba rwo kubohora igihugu bifasha uhasuye kumenya impamvu yatumye habaho Urugamba rwo kubo-

hora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: « Igisigaye ni ugusigasira ibyagezweho ndetse tukongeraho n’ibindi tukanabirinda kugira ngo hatazagira igisubiza inyuma ubumwe n’ubwiyunge, ntihazagire Umunyarwanda utekereza kuba umunebwe ahubwo dukore kandi dukorere hamwe, turwanya icyahungabanya umutekano w’u Rwanda n’Abanyarwanda.»

Ikigo gisanzwe gitegura ingen-doshuri ziganjemo iza gikirisitu nk’izo ku butaka butagatifu bwo mu Rwanda, Israel, Misiri na Turikiya, kizwi nka Oldfox Tours and Travel, kivuga ko kizakomeza kugira uruhare



Abasura Umugora w’Urugamba rwo kubohora Igihugu basobanukirwa byinshi

Maj. Gen. Gisa Fred Rwigema yasabye abasirikare bari bateye kwiambura amapeti ya Uganda bari bambaye bakayajugunya mu Muvumba, ubundi bakarindira kuzambikwa amapeti meza y’igihugu bakomokamo bari biyemeje kubohora no guturamo.

Tariki 2 Ukwakira 1990, Maj. Gen. Rwigema yazamutse ku gasozi ka Nyabwishongwezi kari hafi aho, kugira ngo arebe neza ingabo yari ayoboye, ari nako bimworohera gutanga amabwiriza. Yahise aharasirwa ahita apfa. Rwigema akimara gupfa, ingabo zakomeje kuyoborwa na Maj. Peter Bayingana na Maj. Chris Bunyenyezi, aho banakomeje gutera mu bice birimo Gabiro na Nyagatare.

Nyuma y’ibyumweru bibiri Maj. Gen. Rwigema apfuye, Maj. Paul Kagame wigaga muri Amerika yasanze abandi basirikare ku rugamba tariki ya 14 Ukwakira mu 1990. Icyo gihe [ngo] yaraje atekere-rezwa uko ibintu bimeze, ahita asubira muri Uganda kureba abanyepolitiki ba FPR-Inkotanyi kugira ngo abasobanurire uko urugamba rumeze.

Ibyo wamenya ku rugamba rwo kubohora Igihugu rwatangirijwe Kagitumba-Nyabwishongwezi

Kuva tariki ya 1 Ukwakira 1990 ingabo za RPA zateye zinyuze ku mupaka wa Kagitumba. Ahagana saa yine z’amanywa ni bwo humvikanye isasu rya mbere, ryasize bamwe mu bawurindaga bafashwe mpiri abandi baracika bajya gutanga amakuru, ko igihugu cyatewe n’Abanyarwanda bari barambiwe kuba mu buhuzi.

Maj. Kagame yahise ahindura amayeri y’intambara, ategura igitero ku mupaka wa Gatuna tariki ya 2 Ugushyngiro 1990, ndetse aba ari ho hasa

KOMEZA KU RUP.9

Iya 1 Ukwakira ibumbatiye amateka y’ubutwari

TWAGIRA Wilson

Tariki ya 1 Ukwakira burimwaka, uRwanda rwizihiza Umunsi wo gukunda Igihugu, akaba ari n’umunsi Abanyarwanda bazirikana by’umwihariko ubutwari, ubwitange, umurava, ishyaka, ubumwe, kwihangana, umurimo unoze, gufatanya, gukunda Igihugu, kureba kure, ubumuntu, kuba umunyakuri n’izindi ndangagaciro zaranze Abanyarwanda mu bihe bitandukanye.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Dr. Ndauro James umwe mu bagize uruhare mu rugamba rwo kubohora Igihugu imyaka 32 ishize avuga ko tariki ya mbere Ukwakira ibumbatiye amateka akomeye y’ubutwari asanga ari umwana wo gusubiza amaso inyuma abantu bagasigasira indangagaciro z’ubutwari bwaranze abafashe basirikare ku rugamba tariki ya 14 Ukwakira mu 1990. Icyo gihe [ngo] yaraje atekere-rezwa uko ibintu bimeze, ahita asubira muri Uganda kureba abanyepolitiki ba FPR-Inkotanyi kugira ngo abasobanurire uko urugamba rumeze.

Ati: “Ni umunsi ukomeye wibutsa Abanyarwanda kurinda no gusigasira indangagaciro z’ubumwe bwacu, ubwitange budasanze, ndetse no gukora bimwe mu byatumye abantu bihangana mu bihe byari bigoye kugeza ubwo igihugu cyibonetse, rero iyi ntambwe nziza igana ku iterambere tugeze nk’Igihugu, ntabwo byikoze ahubwo byaturutse mu mbaraga z’abana b’Abanyarwanda bemeye gutanga ubuzima kandi icyo bari bagambiriyemo



Ku ya 1 Ukwakira 1990, urubyiruko rw’abana b’Abanyarwanda rwafashe intwari baza kubohora Igihugu

bakigeraho kuko bari bafatanyije batiganda”.

Ku birebana n’amateka y’u Rwanda aganisha kuri iyi tariki ya 1 Ukwakira, Dr. Ndauro avuga ko ari itariki yibutsa abantu urugamba rwo kubohora Igihugu rwatangiye tariki ya 1 Ukwakira 1990 rusozwa rukaba rwararanzwe n’indangagaciro zo ‘gukunda Igihugu n’ubwitange’ buhebuje zagarajwe n’abagize uruhare muri urwo rugamba.

Urubyiruko rurabaswa kubumbatira Kirazira

Ati: “Abagize icyiciro cy’urubyiruko rwo muri iki gihe abenshi bakunze kwita GEN Z, bakwiye kubumbatira kirazira bakarebera kundangagaciro za bakuru babo, aho kugendana cyangwa gutwarwa n’iterambere byo bita ibigetzweho, bishobora gutuma batakaza umuco wabo nk’Abanyarwanda, maze na bo bakajyana n’abakuru muri uwo mujiyo.”

Urwego rushinzwe intwari z’igihugu imidali n’impeta by’ishimwe CHENO, mu nyandiko rwageneye itanga zamakuru kuri uwo muni ivuga ko tariki ya 1 Ukwakira yemejwe ko ari umunsi wo gukunda Igihugu guhera mu mwaka wa 2001, aho abantu basabwa kwirinda za kirazira n’imico idahesha Umunyarwanda isura nziza. Umunsi nk’uyu twibutsa Abanyarwanda indangagaciro remezo enye zirimo gukunda Igihugu, kunga ubumwe, gukunda umurimo, no kuwunoza, kugira ubufura n’izindi nkuko bikubiye mu nyandiko y’urwego rw’Igihugu rushinzwe intwari, imidari n’impeta by’ishimwe.

Mu Rwanda, umuco wo gukunda Igihugu ugaragara mu bihe bitandukanye by’amateka yarwo. Amateka ya kera yerekana ko Abanyarwanda bumvaga ko “U Rwanda rutera rudaterwa”; ibi bikaba byaragarazaga icyizere bagiriraga ubushobozi n’ubutwari by’ingabo zabo, ndetse n’ubuyobozi bwabo.

Umuco wo gukunda Igihugu ugaragara nk’inkingi ya mwamba yakuye u Rwanda mu bihe bikomeye rwanyuzemo mu mateka yarwo, ukaba kandi umusingi ukomeye n’icyerekezo u Rwanda rwubakiyeho.

Gukunda Igihugu ni imwe mu ndangagaciro itozwa Abanyarwanda mu itorero ikaba n’indangagaciro y’ingenzi mu biranga intwari z’Igihugu, aho buri Munyarwanda asabwa guharanira kuba intwari. Gukunda Igihugu ni indanga-

gaciro igaragazwa n’ubwitange buhebuje, ubumwe, umurimo unoze mu bufatanye n’ubupfura biganisha ku butwari. Ubutwari bw’umwenehugu bugaragarira mu mikorere, mu myitwarire no mu bikorwa byose akora bifiye akamaro Igihugu.

Mbere y’umwaduko w’abakoloni, mu gihe cy’ubukoloni na nyuma yaho, igihe cyose u Rwanda rwagiye rufashwa, rukanatabarwa n’abana barwo babonaga ikibi bagahangara kukirwanya kandi bazi neza ko byabagiraho ingaruka, zirimo no kubura ubuzima bwabo; ariko kubera umuco wo gukunda Igihugu, Abanyarwanda b’intwari bitanze batizigama nubwo habaga ari mu bihe bikomeye.

Abanyarwanda bose bari bafite inshingano zo kurwanya umwanzi watara Igihugu, aho yaturuka hose ndetse bagafatanyaga no kugira uruhare mu kucyubaka. Iyo habaga intambara yo kurengera Igihugu cyangwa kucyagura, buri wese yabigiragamo uruhare bitewe

n’ubushobozi bwe.

Buri Munyarwanda w’umugabo muri icyo gihe yagiraga umutwe w’ingabo abarizwamo. Ku nkiko z’u Rwanda, habaga imitwe y’ingabo irinda ubusugire bw’Igihugu. Abanyarwanda bemeraga ko bagomba kurinda ubusugire bw’Igihugu, ubusugire bw’ingoma, ubusugire bw’abagabo n’abagore n’ubusugire bw’inka (Ubukungu bw’icyo gihe); bisobanuye ubusugire bw’ubutaka n’ubwiburiho; ubutegetsi bwabo n’ibiburanga, abatwaga ndetse n’umutungo w’Igihugu.

Hibukijwe Indangagaciro yo gukunda Igihugu

Gukunda Igihugu ni indangagaciro ikomeye idatan dukana n’ubwitange no gukora umurimo unoze kandi ufiteye Abanyarwanda bose akamaro.

Nubwo u Rwanda rwanyuze mu bihe bikomeye, ubutegetsi bubu bukagerageza guca intege umuco, indangagaciro yo gukunda Igihugu ntiyazimye.

“ Umuco wo gukunda Igihugu ugaragara nk’inkingi ya mwamba yakuye u Rwanda mu bihe bikomeye rwanyuzemo mu mateka yarwo, ukaba kandi umusingi ukomeye n’icyerekezo U Rwanda rwubakiyeho. ”

Abasuye umuhora w’Urugamba rwo kubohora Igihugu bavuze isomo bahigira

IBIKURIKIRA URUP.8

n’ahimurirwa urugamba mu rwego rwo kwisuganya no kurwanira ahantu heza.

Kongera kwisuganya, guhindura amayeri y’intambara no gufata ahiswe ‘Agasanti-metero’

Kuva muri Nyakanga 1991 kugeza muri Werurwe 1992, ni bwo ingabo za RPA zagotewe mu gace gato ugana ku

mupaka wa Uganda kuri ubu ni mu Murenge wa Tabagwe ahubatswe Umudugudu wa Gishuro watashywe mu 2020.

Ni mu gace kamenyekanye nka ‘Agasanti-metero’ bitewe n’uko Leta y’icyo gihe yakitaga, kagizwe n’uduce twa Tabagwe, Gishuro, Kaborogota, Gikoba, Shonga, Ndego n’igice gito cya Karama. Ingabo za RPA zari muri iki gice ku buryo Perezida Habyarimana yavugaga ko bagomba kuzitsinsura zigas-

bira hakurya y’umupaka.

Muri Santimetero harimo indake ya Gikoba ifite metero ebyiri z’ubuhagarike n’ebiyiri z’ubugari. Ibamo ameza n’intebe Maj. Kagame yifashishaga mu gutegeza neza urugamba, hirya gato uhasanga aho abayobozi b’ingabo bicaraga ubwo babaga bagiyemo guhabwa amabwiriza.

Muri ako gace hari umusozi wa Shonga witegeye indi

ubonye imisozi yose yari ikikijwe n’ingabo za FAR.

Icyo gihe ngo Maj. Kagame yasabye batayo zari zihanganye n’umwanzi nka Zulu, Echo, Yankee na Bravo, gutanga abasirikare batanga umusanzu, bakagota umwanzi wari uri ahitwa mu Kabuga, bakamu-fungira inzira zose zatumaga abona ibyo kurya, ubuvuzi n’ibindi.

Ibi ngo byakozwe mu mezi abiri binarangira umwanzi atsinzwe arahunga, aba ari na ko bikorerwa ku tundi dusozi twose yari ari ho, birangira mu kwezi kwa Gicurasi 1992 hose bahagaruriye, bahita banatera Ruhengeri, Byumba barayigarurira banajyanayo ibirindiro bikuru byabo.

NTAWITONDA Jean Claude

Mu Cyanya cyahariwe Inganda cya Kigali gihereye i Masoro mu Karere ka Gasabo, hitezwe kubakwa ibyumba bikonjesha (cold rooms) nyuma yo kubona inguzanyo ya miliyoni 18 z'amadolari ya Amerika (miliyari zisaga 26,6 z'amafaranga y'u Rwanda) yatanzwe n'Ikigega Nyafurika gitera inkunga imishinga yo kurengera ibidukikije (Africa Go Green Fund / ACG).

Nk'uko byemezwa n'ubuyobozi bw'icyo kigega, iyo nguzanyo yemerewe u Rwanda ntizafasha mu kubaka ibyumba bikonjesha umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'amatungo gusa ahubwo hazanasagurwaho amafaranga y'igishoro mu gushyigikira ibisubizo byo gukonjesha mu Cyanya Cyahariwe Inganda cya Kigali.

Uyu mushinga utegerejweho kuzatangirana ubushobozi bwo kubika paleti (pallets) 4 000, ubushobozi bukazagera kuri paleti 8 000. Ni inkunga izahabwa u Rwanda binyuze mu 'Kigo Cold Solutions Rwanda', ikigo gitanga ibisubizo by'ikoranabuhanga ryogukonjesha n'ububiko bw'ibicuruzwa kibarizwa mu Kigega, 'ARCH Cold Chain Solutions East Africa Fund.'

U Rwanda rwemerewe miliyari 26,6 Frw yo kubaka ibyumba bikonjesha



Hazubakwa ibyumba bikonjesha, bizafasha mu gufata neza umusaruro

U Rwanda ruhawe iyo nkunga mu gihe umusaruro w'ubuhinzi no gutunganya ibiribwa bikomeje kwiyoungera ku buryo hakenewe ubwiyongere bw'ibikorwa remezo by'ibyumba bikonjesha.

Kugeza uyu muni, ububiko bukonjesha n'imodoka zifite ububiko bukonjesha biracyari buke mu Gihugu, bikaba bigira uruhare mu iyangirika ry'umu-saruro ndetse bikanagabanya

uburambe n'ubuzima bw'ibi-curuzwa bishobora kwangirika.

Ikigo Cold Solutions Rwanda cyitezweho kubaka ububiko buhujwe n'ibikorwa byo gupfunyika, kikajya gitanga ibisubizo byo gukonjesha no kubika kinyamwuga ibicuruzwa bishobora kwangizwa n'ubushyuhe kugeza igihe bigerejwe ku baguzi.

Umuyobozi ushinzwe ishoramari

mu Kigega ARCH Chain Solutions East Africa Fund, Suki Muia yagize ati: “Kubonera inguzanyo Cold Solutions Rwanda iturutse muri ACG ndetse n'intambwe ikomeye y'amateka yo kubaka ibikorwa remezo bigezweho mu Gihugu.”

Ikinyamakuru Africa Equity News cyatangaje ko inzu ikonjesha y'ububiko ipfunyikirwamo ibicuruzwa isanzwe ibarizwa mu Cyanya cy'Inganda cya Kigali, aho yifashishwa mu gutunganya umusaruro wa avoka bigatuma abahinzi bazo mu Rwanda babona ububiko bujyanye n'ibikenewe ku bicuruzwa byoherezwa mu mahanga.

Suki Muia yakomeje agaragaza ko ibyumba bikonjesha bifite ikoranabuhanga rigezweho, bikazarushaho gufasha abahinzi n'aborozi ndetse n'abatunganya umusaruro w'ubuhinzi n'uborozi kongera ubushobozi bwo kongerera ubuzima ibicuruzwa kuva mu murima kugeza ku isoko.

Umuyobozi Mukuru wa ACG Laurène Aigrain, na we yong-

eyeho ati: “Iri shoramari rishimangira ukwiyemeza kwa ACG mu gushyigikira ibikorwa remezo bikemura imbogamizi ku iterambere ry'ubukungu, bika-jyana no kubona inyungu ku bisubizo byo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe... By'umwihariko tunejejwe n'uko uyu mushinga uhuzaga guharanira iterambere no kubaka ibiramba, bikaba bigaragaza uburyo ishoramari ryibanda ku guhangana n'ihindagurika ry'ibihe bishobora gushyigikira urwego rw'abikorera, kongerera imbaraga uruhererekane rw'ibiribwa no gutanga umusanzu mu kubaka ubukungu bwihagazeho.”

U Rwanda rumaze kwigaragaza nk'intangarugero muri Afurika mu kwihutisha imishinga y'iterambere ry'ubuhinzi, guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, kongerera agaciro umusaruro w'ibiribwa, ari na yo mpamvu hakomeje kongerwa imbaraga mu kongera ikoranabuhanga rikonjesha umusaruro kugira ngo uwangirika urusheho kugabanyuka cyane.

Agaciro k'ubucuruzi bw'u Rwanda n'amahanga kiyongereyeho 89%

ZIGAMA Theoneste

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yatangajye ko agaciro k'ubucuruzi u Rwanda rukorana n'amahanga kavuye kuri miliyari 4,9 z'amadorali ya Amerika, asaga tiriyali 7,2 z'amafaranga y'u Rwanda mu 2017 agera kuri miliyari 9,4 asaga tiriyali 13,9 mu 2025, bingana n'izamuka rya 89%.

Yabigarutseho ku itariki ya 2 Ukwakira 2026 mu kiganiro yagiranye n'abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi ku bijyanye n'iterambere ry'Urwego rw'imari.

Yagize ati: “By'umwihariko, ubucuruzi bw'ibyohereweza mu mahanga bwavuye kuri miliyari 1,9 z'amadolari ya Amerika asaga [tiriyali 2,8 FRw] mu 2017 bugera kuri miliyari 3,5z'amadolari ya Amerika [asaga tiriyali 5,2 FRw] mu 2025, bingana n'ubwiyongere bwa 84%.”

Yakomeje avuga ko muri icyo gihe, ibitumizwa mu mahanga byageze hafi kuri miliyari 6 z'amadolari ya Amerika asaga tiriyali 8,8 Frw muri 2025 bivuye kuri miliyari zirenga gato 3 z'amadolari ya Amerika asaga tariyali 4,4 Frw mu 2017.

Ni mu gihe icyuho kiri hagati y'ibyohereweza n'ibitumizwa mu mahanga cyageze kuri miliyari 2,4 z'amadolari ya Amerika asaga tiriyali 3,5 Frw

mu 2025.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yumvikanishije ko n'ubwo hakiri icyuho hagati y'ibyohereweza n'ibitumizwa mu mahanga, Guverinoma ikomeje gucunga neza amadovize kugira ngo Igihugu gikomeze kugira ubushobozi bwo kwishyura ibitumizwa mu mahanga no guhangana n'ihungabana ry'ubukungu rituruka ku masoko mpuzamahanga.

Yagize ati: “Turishimira ko kuri ubu, ubwizigamire bukomeje kuba hejuru y'igipimo ntarengwa Igihugu cyihaye, kingana n'amadovize ashobora kwishyura ibitumizwa mu mahanga mu gihe cy'amezi ane nta yandi yinjiye.”

Yahamije ko ukwiyongera kw'amadovize mu Gihugu n'amavugurura yakozwe agamije kunoza imicungire y'isoko ry'ifaranga byafashije kubungabunga agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugere-ranyije n'ay'amahanga.

Yavuze ko ugereranyije n'idolari rya Amerika, mu 2025, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda kagabanyutseho ku kigero cya 4,4% ugereranyije na 9,4% ryari ryaganyutseho mu mwaka wa 2024.

Ni mu gihe mu mezi atandatu abanza ya 2026, ifaranga ry'u Rwanda ryakomeje kugaragaza ukutajegajega, rigabanyukahaho 0,87%.

Impamvu u Burayi bwongeye guteke-reza kohereza abimukira mu Rwanda



U Rwanda ruri ku rutonde rw'ibihugu Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) utegeganya gukorana na byo mu gushaka igisubizo kirambye cy'impunzi n'abimukira

NTAWITONDA Jean Claude

U Rwanda rwongeye kuza imbere ku rutonde rw'ibihugu Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) uteganya gukorana na byo mu gushaka igisubizo kirambye cy'abimukira n'abasaba ubuhungiro batabonye amahirwe yo guhabwa uburenganzira bwo gutura i Burayi cyangwa guhabwa ubwengehugu.

Ibi bihugu bitekereje u Rwanda hashize igihe gito urugwiro rwagaragarijwe abashoboraga kuva mu Bwami bw'u Bwongereza ruburijwemo n'amarangamutima ya bamwe mu babona igisubizo rukumbi gisigaye nk'ikibazo.

Minisitiri ushinzwe Abimukira mu Bugereki we yamaze guhishura ko Igihugu cye cyiteguye gutangira kohereza abo bimukira mu bihugu byemera kubakira mu mwaka utaha wa 2027, akazaba ari n'umwaka u Bugereki buzaba buyoboye Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi muri Manda izenguruka buri gihugu mu bigize uwo Muryango.

Intumwa za EU, Anna Strolenberg na Tineke Strik, zihuruka gukorera uruzinduko mu Rwanda no muri Uganda mu kuzenzura niba biteguye kwakira by'agateganyo abo bimukira, basanga by'umwihariko u Rwanda rugitegeye amaboko abo bimukira kandi rwiteguye kubahangira amahirwe atuma bongera kwigarurira icyizere.

Itsinda ry'ibihugu birimo Austria, Denmark, u Budage, u Bugereki n'u Buholandi byo byamaze kugaragaza ubushake bwo gusaba u Rwanda n'ibindi bihugu bimwe na bimwe bya Afurika kwakira abo bimukira mu gihe bategurirwa gusubizwa mu bihugu byabo nyuma yo kwangirwa ubuhungiro cyangwa kuba badafite uburenganzira bwo kuguma muri EU.

Abo bayobozi baganiriye ku buryo bwo kunoza uburyo bwo gusubiza mu bihugu byabo abatutse biganjemo urubiruko batabonye uburenganzira bwo gukomeza gutura mu bihugu by'u Burayi, ari na ho igitekerezo cyo kuganiriza u Rwanda nka kimwe mu bihugu bazoherezwamo by'agateganyo cyasesenguwe neza.

Denmark, Austria, u Bugereki n'u Buholandi ni byo bihugu bimaze igihe bisuzumana ubwitonzi iyo gahunda n'uburyo izashyirwa mu buryo u Rwanda rukaba icyitegererezo cyo kubakira no kubitaho bababwa amahirwe anyuranye atuma bategura ahazaza habo harushijeho gutekana.

Minisitiri ushinzwe Abimukira mu Bugereki we yamaze guhishura ko Igihugu cye cyiteguye gutangira kohereza abo bimukira mu bihugu byemera kubakira mu mwaka utaha wa 2027, akazaba ari n'umwaka u Bugereki buzaba buyoboye Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi muri Manda izenguruka buri gihugu mu bigize uwo Muryango.

Intumwa za EU, Anna Strolenberg na Tineke Strik, zihuruka gukorera uruzinduko mu Rwanda no muri Uganda mu kuzenzura niba biteguye kwakira by'agateganyo abo bimukira, basanga by'umwihariko u Rwanda rugitegeye amaboko abo bimukira kandi rwiteguye kubahangira amahirwe atuma bongera kwigarurira icyizere.

Mu gihe ibyo bihugu bibona iki gisubizo nko kwikiza ikibazo, u Rwanda rwo rubona kwakira abo bimukira ari ukongera kubaha amahirwe ya kabiri y'ubuzima bihitiyemo kandi batewe ishema na bwo.

Guverinoma y'u Rwanda ivuga ko amasomo Abanyarwanda

bigiye ku mateka ari yo atuma badashobora kwirengagiza abari mu kaga, by'umwihariko abimukira n'impunzi, ari na yo mpamvu u Rwanda ari Igihugu gihora gitegeye amaboko abaturage bose bafite ibibazo bifitanye isano n'ubuhunzi.

U Rwanda kandi rwizera ko Afurika ifite inshingano zo gufata n'isi yose mu gushakira umuti urambye ikibazo cy'abiganjemo uruburuko bajya gushakira amahirwe y'imibereho ku yindi migabane basize atagira ingano iwabo.

Nanone kandi u Rwanda rubona guhangira abimukira imibereho ibashasha agaciro ari andi mahirwe y'ubukungu n'iterambere kuko imbaraga bajyana ku migabane idashaka kubakira zishobora gukora ibitangaza mu bihugu byabo bikeneye abakozi biteguye guhanga ibishya no gukoresha neza ubutunzi n'amahirwe y'Umugabane wabo.

U Rwanda rubona kandi ko aho kugira ngo abimukira n'abasaba ubuhungiro babonwe nk'ikibazo gusa, hakwiye kuremwa imibereho ituma abahunze iwabo babaho, bagakora bisanzuye ndetse bakaba biteguye gutanga umusanzu utabaha umusaruro ku giti cyabo ahubwo unahindura imibereho ya benshi ku mugabane wa Afurika.

Ibyo si ibitekerezo gusa, kuko bishingiye kuri Politiki y'u Rwanda yo kwita ku mpunzi, abimukira n'abasaba ubuhungiro yibanda ku kubaha urufunguzo rwo kwigira, kunoza imibereho yabo ndetse bagahangirwa amahirwe y'ubukungu atabaheza mu iterambere rusange ry'Igihugu, aho kubaharira guhora bategereje imfashanyo.

U Rwanda rwashenguwe n'urupfu rwa Dafroza Gauthier, waharaniye kugeza mu butabera abakoze Jenocide

ZIGAMA Theoneste

Guverinoma y'u Rwanda yababajwe n'Urupfu rwa Dafroza Gauthier, wari umaze inyaka myinshi ahari nira ko abakewaho uruhare muri Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 bahanirwa ibyaha bakoze.

Dafroza Gauthier, witabye Imana ku wa Gatandatu tariki ya 3 Ukwakira 2026 azize uburwayi, afatanyije n'umugabo we Alain Gauthier, yagize uruhare rukomeye mu bikorwa byo gushakira ubutabera abarokotse Jenocide yakorewe Abatutsi, cyane cyane mu gukurikirana abantu bakenyaho uruhare muri Jenocide bari baragiye gutura mu Bufaransa.

Mu butumwa bw'akababaro yanyujije kuri X, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick, yagaragaje ko urupfu rwa Dafroza Gauthier ari igihombo gikomeye ku Rwanda no ku rugamba rwo guharanira ubutabera.

Yagize ati: “Ni igihombo gikomeye ku Rwanda, ku butabera no ku bantu bose muri rusange.”

Yavuze kandi ko umurage wa Dafroza Gauthier uzakomeza kubaho mu rwibutso rwe no mu bikorwa by'abakomeza urugamba rwo guharanira ubutabera.

Ati: “Umurage wa Madamu Dafroza Gauthier uzakomeza kubaho iteka mu byo tumwibukiraho no mu bikorwa byacu, ukazaba ishema ku bariho muri iki gihe ndetse ukaba n'isoko y'ihumure n'icyitegere-rezo ku bazabakomokaho. Dafroza Gauthier, ruhukira mu mahoro.”

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Ishingano Mboneragihugu, Dr. Jean Damascène Bizimana, na we yagaragaje akababaro gakomeye nyuma yo kumva inkuru y'urupfu rwa Dafroza Gauthier.

Mu butumwa bwe kuri X, yavuze ko itariki ya 3 Ukwakira 2026 ari umunsi w'akababaro gakomeye nyuma yo kumenya inkuru y'urupfu rwa Dafroza.

Yagize ati: “Ni ibyago bikomeye byatugezeho kuri uyu muni, tariki ya 3 Ukwakira 2026, ubwo twamenyaga inkuru ibabajye y'urupfu rwa Madamu Dafroza Gauthier.”

Dr. Bizimana yihanganishije umugabo wa Dafroza, Alain Gauthier, abana babo, umuryango mugari, abagize umuryango yashinze Collectif des Parties Civiles pour le Rwanda (CPCR), inshuti n'abandi bose bari bamuzi.

Yagarutse kandi ku ruhare Dafroza Gauthier yagize mu guharanira ubutabera ku barokotse Jenocide yakorewe Abatutsi.

Ati: “Ibitekerezo byanjye kandi biri ku barokotse Jenocide yakorewe Abatutsi baregeye ubutabera, kuko ibikorwa byaho byo kurwanya kudahana abishe ababo byabahaye ihumure, cyane cyane mu gihe bamwe mu bakoze ibyoyaha batekerezaga ko bashobora kubona ubuhungiro butekanye kure y'u Rwanda, mu Bufaransa.”

Minisitiri Bizimana yavuze ko ibikorwa bya Dafroza byagize uruhare mu guteza imbere ubut-

abera no guha agaciro abishwe muri Jenocide.

Ati: “Ibikorwa bye byubashye ubutabera mu buryo bwuzuye, bisubiza icyubahiryo ababuze ubuzima kandi bikomeza ubudaheranwa n'imbaraga by'abarokotse.”

Yunzemo ati: “Umurage we ukomeze kudutera inkunga yo gukomeza gushikama no kwiye-meza guharanira ukuri, kwibuka n'ubutabera.”

Minisitiri Bizimana yamwifurije kuruhukira mu mahoro kandi ko

azahora yibukwa.

Umuryango w'Abanyarwanda baba mu Bufaransa, na wo wunamije Madamu Dafroza Gauthier, wahoze ari na Perezida wawo ndetse akaba yari umuntu ukomeye kandi w'ingenzi muri uwo muryango.

Mu itangazo uwo Muryango wasohoye wagize uti: “Urupfu rwe rudusigiyeho inshingano yo gukomeza urugamba yatangiye rurimo urwo guharanira ubutabera, kwibuka no kuvugisha ukuri. Intwari ntipfa, iratabaruka.”



Dafroza Gauthier waharaniye ko abakoze Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 bagezwa imbere y'ubutabera yitabye Imana

Mu Rwanda imiryango miliyoni 1 irategurirwa kwimurwa ahashyira ubuzima mu kaga



Imiryango isaga miliyoni izatuzwa ahaboneye mu bihe bitandukanye

ZIGAMA Theoneste

Muri gahunda ya *Guverinoma y'u Rwanda ya 2020-2050 biteganyijwe ko ingo hafi miliyoni imwe ziri ahatari mu gishushanyo mbonera cy'ahagenewe guturwa zizimurwa zigatuzwa ahabugenewe.*

Inzego z'ubuyobozi zitangaza ko uko kwimura izo ngo bizakorwa buhoro buhoro bidahutiweho, hashingiwe ku byihutirwa bihari birimo iziri kwimurwa mu manegeka cyangwa aho ibiza bishobora kuzibasira.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Imicungire n'Igishushanyo cy'Imikoreshereze by'Ubutaka mu Kigo cy'Igihugu gashinzwe Ubutaka (NLA), Rutagengwa Alexis yabwiye itangazamakuru ko hafi 65% by'ingo zo mu cyaro ubu zituye ahagenewe gutura, mu gihe izisigaye zituye ahatarateganyijwe cyangwa mu buryo bw'imiturire itajyane n'iyahateganyijwe.

Ubushakashatsi buheruka, bwa 5 bw'abaturage n'imiturire bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamire (NISR) mu 2022, bwerekanye ko mu Rwanda habarurwa ingo zituwe zigera kuri miliyoni 3,3 aho hafi miliyoni 2,3 ari izo mu bice by'icyaro.

Muri icyo miturire kandi ingo zo mu cyaro 65% byazo zituye ahemewe

habarurwamo abaturage basaga miliyoni 1,5 mu gihe abatuye ahatemewe bagera ku 850 000.

Bivugwa ko hafi 9% zituye mu midugudu itateguwe cyangwa idasanze, mu gihe hafi 15% zituye mu nzu zitanye cyangwa ari zonyine.

NLA ivuga ko imiturire nibura 9% mu Midugudu itarateganyijwe kandi itajyanye n'igishushanyo cy'imikoreshereze y'ubutaka.

Icyo kigo kivuga ko imiturire itateguwe ubusanze ivuka hanze y'imikorere n'amabwiriza yemewe y'gutegura imiturire, akenshi ikaba ishingwa mbere y'uko hubakwa imihanda, imiyoboro y'amazi y'imvura, amazi meza, amashanyarazi n'izindi serivisi z'ibanze.

Ku rundi ruhande, imiturire itatanye igizwe n'inzu zibatswe zitanywe mu duce twinshi, aho kuba ahurijwe mu midugudu cyangwa mu duce dutuwe twateguwe.

Rutagengwa yavuze ko ingo zituye hanze y'imiturire iteguwe zitazahita zisabwa kwimuka ako kanya.

Yagize ati: “Uburyo Guverinoma izabikemuramo ni uguhindura buhoro buhoro imiterere y'imiturire, ariko hirindwa kwimura abantu mu buryo buhutiyeaho, bigakorwa mu buryo bukwiye.”

Hateguwe site z'imiturire 3 000 zo guturamo

Muri Gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'Imikoreshereze y'Ubutaka mu cyerekezo cya 2020-2050, ubutaka bugenewe guturwaho n'abantu mu Rwanda bungana na 15,2% by'ubuso bw'igihugu.

Iyo gahunda yagabanyije umubare w'ahantu hatandukanye hatuwe mu buryo butatanye, uva kuri site 14 000 ugera kuri 3 000, hagamijwe koroshya no kugabanya ikiguzi cyo kugeza ibikorwa remezo na serivisi rusange ku baturage.

Rutagengwa yavuze ko ahantu hafi 3 000 hagenewe guturwamo mu cyaro hatagomba gufatwa nk'ahantu hashya hagomba kubakwa ibikenerwa byose uherye ku ntangiriro.

Yagize ati: “Ahantu hafi 3 000 hagenewe guturwamo mu cyaro muri Gahunda Ngenderwaho y'Imikoreshereze y'Ubutaka y'Igihugu y'imyaka ya 2020-2050, hagaragaza imiterere y'imiturire iteganyijwe mu gihe kirekire, aho kuba ahantu 3 000 hagomba kubakwa ibikorwa byose uherye ku ntangiriro.”

Buri hantu hashobora kuba hagizwe n'uduce twinshi dutuwe n'abaturage bo mu cyaro, kandi urwego rw'ibikorwa remezo rushobora gutandukana bitewe n'ahantu.

Ingo nyinshi zisanze zituye mu bice byagenewe guturwamo, nubwo hari uturere tumwe dufite imihanda n'izindi serivisi z'ibanze, mu gihe utundi tugikeneye gushorwamo imari kugira ngo ibikorwa remezo birushaho kunozwa.

Intara y'Iburengerazuba ni yo yiganjemo imiturire itanoze

Iki kibazo kigaragara cyane mu Ntara y'Iburengerazuba, aho imiryango irenga 214 000, ihwanye hafi na 29% by'imiryango yose yo muri iyi Ntara, ituye hanze y'ibice byagenewe guturwamo.

Gahunda z'iterambere zishingiye ku ruhare rw'abaturage, zirimo Umuganda, Porogaramu ya Vision 2020 Umurenge ndetse n'izindi gahunda z'iterambere z'Inzego z'ibanze, na zo biteganyijwe ko zizagira uruhare mu kunoza imihanda ihuza abaturage n'izindi serivisi z'ibanze, ku bufatanye n'ingingo y'imari ya Leta ishorwa mu bikorwa remezo.

Rutagengwa yavuze ko ubu buryo bushobora kuba bwiza kurushaho mu miturire yo mu cyaro, aho kugeza ibikorwa remezo byose bikenewe kuri buri hantu hagenewe guturwamo icyarimwe.

Nta kwimura abaturage bose ako kanya

Gahunda yo gutuza abaturage mu midugudu iteganyijwe yateje ibibazo byerekanye n'ibizaba ku miryango ituye ku butaka bwagenewe ubuhinzi cyangwa mu bindi

bice bitagenewe guturwamo, cyane cyane abadafite ubutaka mu bice byateganyijwe guturwamo.

Rutagengwa yavuze ko icyo miryango itari ngombwa ko ihita yimurwa ku gahato.

Yagize ati: “Imiryango isanzwe ituye mu bice bitagenewe guturwamo ntabwo byanze bikunze izasabwa guhita yimuka.”

Hari imiryango ishobora kuba ifite ubushobozi bwo kwimukira ku bushake mu bice byateganyijwe guturwamo, mu gihe indi ishobora kuzimuka hashize igihe kinini, mu gihe ibyo bice bigenda bitezwa imbere kandi bikagezwamo ibikorwa remezo.

Icyakora, hazibandwa ku miryango ituye mu bice bishobora guteza ibibazo ku buzima n'umutekano.

Rutagengwa yagize ati: “Icyihutirwa cyane ni imiryango ituye mu bice bifite ibyago byinshi ndetse n'ahantu hashobora kwibasirwa n'ibiza, aho kwimura abaturage bishobora kuba ngombwa mu rwego rwo kurinda ubuzima n'imitungo yabo.”

Yongeyeho ati: “Kuri icyo miryango, Leta izakoresha uburyo bukwiye bwo gutuza no kwimura abaturage hakurikijwe politiki n'amategako abigenga.”

Ku miryango ituye hanze y'ibice bifite ibyago byinshi, kwimuka bizagenda bikorwa buhoro buhoro, hakurikijwe uko ibice biteganyijwe guturwamo bigenda byubakwa kandi bigashyirwamo ibikorwa remezo, ndetse n'imiterere ya buri muriyango.

Intara y'Iburengerazuba ni yo yiganjemo imiturire itanoze

Iki kibazo kigaragara cyane mu Ntara y'Iburengerazuba, aho imiryango irenga 214 000, ihwanye hafi na 29% by'imiryango yose yo muri iyi Ntara, ituye hanze y'ibice byagenewe guturwamo.

Guverineri Ntibitura Jean Bosco yavuze ko Intara y'Iburengerazuba ifite imiryango igera ku 671 000, muri icyo hafi 457 000, ni ukuvuga 71%, ikaba ituye mu bice byagenewe guturwamo.

Yagize ati: “Abandi batuye mu bice bitagenewe guturwamo bazagenda bimukira muri ibyo bice kuko ari ho ibikorwa remezo byose byashyizwe.”

Yavuze ko abantu batuye hanze y'ibice byagenewe guturwamo batazahita bimurwa, kuko hari ibice biteganyijwe guturwamo bitaragezwa ku rwego rwo kwakira abaturage naza.

Ati: “Ni yo mpamvu icyo umuntu asabye uruhushya rwo kubaka, ikintu cya mbere harebwa ari

KOMEZA KU RUP.13

Kurandura FDLR biracyarimo icyuho – Amb. Ngoga



Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye Ambasaderi Ngoga Martin

TWAGIIRA Wilson

Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye Ngoga Martin, yagaragaje ko kugeza ubu hakiri icyuho mu byerekanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano agamije kurandura umutwe wa FDLR, akaba ari umutwe wakunze guhungabanya umutekano w'u Rwanda uturutse muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo aho ukorera guhara mu myaka isaga 30 ishize.

Intumwa y'u Rwanda mu rwego rw'Umuryango w'abibumbye yibukije Akanama ka Loni

gashinzwe umutekano ku Isi ko kwambura intwari no kurandura uwo mutwe, ari bimwe mu bikorwa byihutirwa bikeneye gushyirwa mu bikorwa.

Ati: “Kurandura burundu umutwe wa FDLR ni byo bizafasha kugurura umutekano muri aka Karere, ni ikibazo kibangamiye umutekano w'Igihugu ndetse n'Akarere, gahunda yo kuyirandura burundu ikwiye gushyirwa mu byihutirwa.”

Mu Kiganiro yahaye Akanama ka Loni gashinzwe Umutekano, mu nama yagarutse ku bikorwa bya MONUSCO yabaye ku wa 29 Nzeri 2026, Intumwa y'u

Rwanda yakomeje ku miko-ranire mu bya gisirikare hagati ya Congo ndetse n'umutwe wa FDLR hamwe n'iyindi mitwe yitwaje intwari ifatanyije na FARDC nka Wazalendo n'iyindi mitwe itandukanye, byabaye muri uyu mwaka wa 2026.

Ku byerekanye n'ubuhuha hagati y'impande zombi, u Rwanda rwavuze ko rwakiriye neza ubuhuha bwakozwe binyuze mu biganiro bya Washington na Doha, ndetse ko rukomeje kwiyezeza kubahiriza amasezerano ya Washington n'inzira zashyizweho zo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ayo

masezerano agamije ituze amahoro no kugarura umutekano w'ibihugu by'Akarere.

Nkuko bikubiye muri ayo masezerano, u Rwanda rwavuze ko rwamaze gutera intambwe mu birebana no gukuraho ingamba z'ubwirinzi kandi rwabimenesheje inzego zashyizweho n'amasezerano ya Washington, nubwo hakiri icyuho gikomeye mu birebana n'ishyirwa mu bikorwa ryayo ku kibazo cyo kurandura uwo mutwe ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Agaruka ku ngero zifatika ziganisha ku mikoranire hagati y'ingabo za Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo na FDLR, Amb. Martin Ngoga asobanura ko kugeza ubu hari amakuru agaragaza ibikorwa by'ubufatanye hagati ya FADRC, FDLR, Wazalendo n'indi mitwe bafatanyije byabaye mu mwaka wa 2026.

Ati: “Mu kwezi kwa Gashyantare 2026, indege ya FARDC n'ibindi bikoreho bya gisirikare birimo amakamyi byajyanye toni z'amasasu mu duce twa Pinga na Kibua aho bimwe mu bikoreho byagenewe abayobozi ba FDLR hamwe n'iyindi mitwe, mu gihe mu kwezi kwa Werurwe 2026 indege yatwaye amasasu n'ibiribwa mu gace ka Ntoto aho byasaranganyijwe hagati

y'imitwe nka FRDC, PARECO na FDLR.

Amb. Ngoga avuga ko imikoranire nk'iyi yakomeje kugaragara mu mezi ya Mata, Kamena na Nyakanga, ndetse no hagati mu kwezi kwa Kanama 2026 abwira Akanama ka Loni ko hari amakuru afatika agaragaza imikoranire hagati ya FDLR n'iyindi mitwe nka FARDC, CNRD, FLN, FDLR, Wazalendo, Nyatura, mu gace ka Walungu muri Repuburika iharanira Demokalasi ya Congo.

Kuri gahunda yo kurandura umutwe wa FDLR, nkuko bikubiye mu masezerano, yasobanuye ko umutwe wa FDLR ari kimwe mu byo impande zombi zumvikanyeho kandi ko bigomba gushyirwa mu bikorwa mu buryo bwuzuye, Aho Amb. Ngoga yagaragaje ko kuba FDLR igikomeje gukorera mu burasirazuba bwa RDC, ndetse igikwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibikorwa byibasira umutekano w'igihugu ari ikibazo kidakwiye kwirengagizwa.

Yagize ati: “FDLR ni umutwe witwaje intwari ufite ingengabitekerezo ya Jenoside, ndetse n'igisirikare cyateguwe neza n'amateka y'ibitero wagabye ku Rwanda byose birazwi, ukorera hafi y'umupaka wacu kandi ugafatanyaga n'ingabo za bimwe mu bihugu duturanye”.

Rwanda ruteganya guteza imbere uduce twagenewe imijyi 101, turimo Umujyi wa Kigali, imijyi itatu igaragiye Kigali, imijyi umunani yunganira uturere, imijyi 16 y'uturere ndetse n'uduce 73 ibice bigezweho (Rubanar centres).

Biteganyijwe ko Umujyi wa Kigali uzaba utuwe n'abaturage bagera kuri miliyoni 3,8 mu 2050, mu gihe buri mujyi wunganira Kigali n'umwe mu mujyi yunganira uturere ushobora kwakira abaturage bagera kuri 650 000.

Intego y'igihe kirekire ni ugushyira inzu n'abaturage mu bice byateganyijwe guturwamo, aho imihanda, amazi, amashanyarazi n'izindi serivisi rusange bishobora kubagezwaho ku buryo bunozwe, mu gihe imiryango ituye hanze y'ibyo bice izagenda yimuka buhoro buhoro.

Mu igenamigambi rishya, u

Nyagatare: Umuhanda wa kaburimbo bubakiwe watumye bahingira isoko



Abaturiye uyu muhanda bishimira ko waborohereje kugeza umusaruro wabo ku isoko

HITIMANA Servand

Abaturage bo mu Mirenge ya Rwem-pasha, Musheru na Matimba yo mu Karere ka Nyagatare baturiye umuhanda wa kaburimbo Nyagatare - Nyamiyonga - Kagitumba, bavuga ko iyubakwa ry’uwo muhanda ryatumye bitabira ubuhinzi bwa kinyamwuga, bahingira isoko kuko nta mbogamizi bagifite ku gutwara umusaruro wabo.

Aba baturage bagaragaza ko mu nkengero z’uyu muhanda hari hasanzwe ibikorwa byigan-jemo iby’ubworozi n’ubuhinzi biciriritse.

Mu mbogamizi bari bafite harimo kuba iki gice cyarahoze mu bwigunge ku buryo imigenderanire yari igoranye, bikagira ingaruka ku bakoraga ubuhinzi, kuko abakeneye isoko rya vuba byabasabaga gutwara umusaruro wabo kure kandi bakikorera ku mitwe, aho bakoraga ubuhinzi ahanini bugamije kubaha ibyo kurya

gusa.

Rwamwojo Straton yagize ati: “Uyu muhanda utarakorwa twaravunikaga kuko inaha hari mu cyaro kitagendwamo n’imodoka mu buryo buhoraho. Byatumaga dukora bwa buhinzi buciriritse butuma tubona ibyo kurya cyangwa ibyo tujyana ku masoko dutwaye ku mitwe cyangwa ku magare. Byari bigoye kuba umuntu yatekereza kuhakorera ubuhinzi buzakenera kumuhuza n’amasoko ya buri gihe.”

Bavuga ko aho hakorewe umuhanda wa Kaburimbo ibintu byahindutse ndetse bikururira abahinzi gukora ubuhinzi bw’umwuga bagahingira isoko.

Ni nako hatangijwe ubuhinzi butari buhasanzwe burimo ubuhinzi bw’imiteja, imboga n’imbuto.

Bamurere Christine ni umwe mu bahinga imiteja mu nken-gero z’uyu muhanda mu Kagari ka Kabare mu Murenge wa

Rwempasha.

Agira ati: “Ubuhinzi bw’im-boga busaba uburyo buhoraho bwo kubukurikirana yaba mu guhinga, gutera, kubagara, gusarura ndetse no kugurisha. Iyo bukorerwa ahantu hatorohereza ubukora kuhagera burapfapfana. Ushobora gusiba gutera umuti kubera ko watinze kukugeraho biga-hita bigutera igihombo kihuse. Ni yo mpamvu aho bakoreye uyu muhanda nanjye nabonye bishoboka kuhakorera ubu buhinzi kandi bigenda neza.”

Mukunzi Emmy we ahinga ibigori mu Murenge wa Musheru, avuga ko gukorerwa uyu muhanda byafashije abaturage gukora ubuhinzi babukunze kuko ibyo bakweza byose byoroshye kubigeza ku isoko.

Ati: “Dusigaye duhinga tuby-ishimiye cyane kuko umuhanda waduhuje n’isoko. Nka twe duhinga ku buso bunini, utangira gutera abakeneye ko uzabagurisha batangiye kukurambagiza aho banaguha

amafaranga ashobora kukun-ganira mu buhinzi bwawe mukagirana amasezerano yo kwishyurwa ku musaruro wanawubagurishije. Ibi biterwa no kuba aho dukorera hagendeka.”

Aba bahinzi bashimira cyane Leta yabagejejeho igikorwa remezo cy’ingenzi ku bikorwa byabo.

Mukanzigiye Elina yagize ati: “Turashima cyane ubuyobozi bwatwubakiye uyu muhanda kuko watumye imirimo yacu y’ubuhinzi itera imbere. Ubu turahinga imbuto ukaba wizeye ko usarura ukabona abaguzi kandi ku gihe. Twahin-gaga inyanya zakwerera rimwe wenda ari mu gihe cy’invura tukabura abazitwara, zikatw-angirikiraho. Ubu turi mu bisubizo kandi turashima.”

Umuyobozi w’Akarere ka Nyagatare, Kakooza Henry avuga ko uyu muhanda watanze ibisubizo ku bikorwa by’ubuhinzi ndetse n’ubworozi. Asaba abawuturiye guko-meza kuwubyaza umusaruro

barushaho kwiteza imbere.

Ati: “Umuhanda mushya wa Nyagatare – Nyamiyonga - Kagitumba watumye abatu-rage bacu barushaho kwitabira ibikorwa by’ubuhinzi n’ub-worozi ndetse babikora mu buryo bw’ubucuruzi. Ni igisubizo kuri bo no ku buyo-bozi kuko iyo umuturage ateye imbere mu bukungu n’Akarere kaba gateye imbere. Turasaba abaturage bacu ko babyaza umusaruro aya mahirwe bagakomeza kwiteza imbere bakora ubuhinzi n’ubworozi bigezweho bitanga amafa-ranga.”

Uyu muhanda wa kabu-rimbo uri mu bikorwa remezo byahawe abaturage muri iyi myaka itanu ishize ukaba ureshya n’ibilometero 38, aho uretse korohereza abafite ibikorwa by’ubuhinzi n’ub-worozi, wanafashije abakora ingendo zigana ku mupaka wa Kagitumba bavuye mu mujiyi wa Nyagatare kuko bitakiba-saba kuzenguruka i Ryabega.

abashoramari ko ari amahirwe akomeye bafite baramutse bashoye imari muri Huye.

Ati: “Huye ifite umubare munini w’abahagenda n’abanyeshuri bo muri Kaminuza, ariko amacumbi ni make. Kaminuza ifite abanye-shuri basaga ibihumbi 18 kandi Kaminuza ntifite ubushobozi bwo kubacumbikira bose. Uwakubaka amacumbi ntabwo yahomba.”

Akomeza avuga ko ubu umujyi

KOMEZA KU RUP.15

Abashoramari berekeje amaso i Huye, amacumbi n’inganda bishobora kwiyongera

IBIKURIKIRA URUP.14

kaminuza kuko ifite umushinga wo kubaka amacumbi.

Ati: “Dufite umushinga wo kubaka hoteli izaba igizwe n’ibice bine, harimo igice cya hoteli yok u rwego rw’inyenyeri enye, inyenyeri ebyiri, hoteli isanzwe n’amacumbi aciriritse. Ibi bice byose bizaba bikubiye mu nyubako imwe. Abifuza gushora imari mwatu-gana tugatangira ibiganiro kuko igishoro turagifite, ariko dukeneye abo tujyanamo.”

Abashoramari bagaragaje imbo-gamizi

Umushoramari Rutayisire François yavuze ko gushora iamri ari ingenzi ariko basanga hari n’aho bahura n’igihombo. Ati: “Kubaka hoteli iri ku rwego rw’inyenyeri enye birahenze cyane kandi umuntu aba yayitanzeho amafa-ranga menshi. Kugira ibyumba bizabona abakiliya babiri mu mwaka kubera ko bihenze, ni igihombo. Tubona ibyoroshye ari uko twakubaka hoteli zisanzwe



Abashoramari bitabiriye inama igamije iterambere ry’Akarere ka Huye

zifite ibyumba bihendutse kuko byo bibona abakiliya buri gihe.”

Akomeza avuga ko kaminuza y’u Rwanda ishami rya Huye ifite

abanyeshuri ibihumbi 18, ariko kaminuza icumbikira 20% bya bo.

Gatsibo: Guca ibyuma byagabanyije inshuro 5 ibyaha byo gukubita no gukomeretsa

HITIMANA Servand

Urwego rw’Ubugen-zacyaha mu Karere ka Gatsibo rugaragaza ko umusaruro wo guca ibyuma n’inzoga zitujuye ubuziranenge watangiye kwigaragaza cyane muri aka karere kari gakunze kugaragaramo ibyaha byo gukubita no gukomeretsa, byagabanyutse inshuro eshanu ugereranyije n’ibyahagaraga-raga mbere izi nzoga zikiri ku

isoko, biva ku byaha 150 bigera ku byaha 30 byagaragaye mu kwezi gushize.

Umuyobozi wa RIB mu Karere ka Gatsibo Nsengiyumva Ignace, yagaragarije abaturage ko mu byaha biza ku isonga muri aka Karere ari icyaha cyo gukubita no gukomeretsa cyatizwaga umurindi n’inzoga n’ubusinzi bukabije aho mu kwezi hakirwaga impuzan-dengo y’ibirego 150.

Nyuma ya gahunda ya Leta yo guca ibyuma n’inzoga zitujuye ubuziranenge, umubare w’ibyaha waramanutse cyane bigera ku byaha 30 byakiriwe muri Kanama.

Yagize ati: “Ubuyobozi bwiza guca ibyuma n’inzoga izi nzoga uretse kwangiza ubuzima zari n’intandaro y’ibyaha byinshi. Twakiraga ibyaha biyanyane no gukubita no gukomeretsa bigera ku 150. Ubu ukwezi gushize twakiriye ibirego 30, aho byagabanyut-

seho inshuro 5. Ibi bigaragaza ko ubusinzi bwari urutirigongo rw’ibibi byinshi birimo n’amakim-birane mu muryango aho twizera ko naho biza kumera neza.”

Nsengiyumva asaba abaturage kwirinda ibibagonganisha n’am-ategeko by’umwihariko bagaca ukubiri n’icyitwaga ikiyobyabwenge, bagaharanira kuba mu mahoro birinda ibyo bataho umwanya bita-bafitiye umumaro.

Ubuhamya bw’abanywaga ibyuma na bo bashimangira ko nyuma yo kubihagarika byatumye bava ibuzimu bakajya ibuntu.

Twagirimana Epimague wajyaga anywa akarara no ku gasozi yagize ati: “Ni byo ibi byuma na ziriya nzoga zari zitwishe nabi. Kuba zaratezaga urugomo akenshi ni uko umuntu yabaga atakiyobora ayoborwa n’ibyo yanyoye. Nka ninye narasindaga nkarara hanze bakaza kuntarura bucyeye. Ubwo se umuntu nkuwu muvuganye ho gato ugira ngo yatinyaga gufata ibuye akarigukubita? Ntabwo twabaga tukiri mu buzima busanzwe.”

Twagirimana Epimague wajyaga anywa akarara no ku gasozi yagize ati: “Ni byo ibi byuma na ziriya nzoga zari zitwishe nabi. Kuba zaratezaga urugomo akenshi ni uko umuntu yabaga atakiyobora ayoborwa n’ibyo yanyoye. Nka ninye narasindaga nkarara hanze bakaza kuntarura bucyeye. Ubwo se umuntu nkuwu muvuganye ho gato ugira ngo yatinyaga gufata ibuye akarigukubita? Ntabwo twabaga tukiri mu buzima busanzwe.”

Yakomeje agira ati: “Uyu muni ndashima ko natangiye gutora agatege. Ndavuga gutora agatege kuko nyuma yo kubica narushi-jeho gusa n’uwarembye kubera kubibura, kurya birananira ndetse

Igihe haboneka amacumbi ahagije, abanyeshuri babona aho kuba.

Mu kumara impungenge aba bashoramari, Umuyobozi wa RDB Jean-Guy Afrika, yavuze ko hadak-enewe hoteli z’inyenyeri enye gusa, ahubwo hakenewe amacumbi menshi.

Ati: “Abagana Mujiyi wa Huye ufite amacumbi make. Gushora imari mu kubaka amacumbi ni amahirwe kuko abakora ingendo nyobokamana i Kibeho mu Karere ka Nyaruguru bacum-bika i Huye kubera ko baba ari benshi Kibeho itabakira bose. Hari kandi abanyeshuri ba kaminuza n’abandi bakorera ingendo muri Huye. Gushora imari mu kubaka amacumbi ni amahirwe.”

Abashoramari batandukanye biyemeje kugirana ibiganiro n’ubuyobozi bw’Akarere ka Huye ngo barebere hamwe uko bajyanamo. Iyi nama y’ishoramari itegurwa n’Urwego rw’Iguhugu rw’Iterambere (RDB), ikaba iba muri buri Karere.

Umujyi wa Huye utuwe ku kigero cya 20,9%, ukaba ufite intego yo guturwa ku kigero cya 35% muri 2029. Igishushanyo mbonera cy’Umujyi gifite hegitari 8 564 zage-newe kubakwaho inzu zihendutse.

nkumva ntazi iyo ndi. Ubu Nsigaye ntekereza neza nkamenya icyo nakora kuva mu gitondo kugera nimugoroba. Navuye ibuzimu njya ibuntu.”

Muhongerwa Emelienne wo mu Murenge wa Kabarore ni umugore uvuga ko yareze abana icyenda arabakuza kuko ntaho yahuriye n’inzoga zari zarasabitse umugabo.

Ati: “Twebwe abagore ntutuzi icyo twaha umuntu watekereje guca ziriya nzoga. Umugabo wanjye zari zaramugize imbata. Uko nabonaga tubayeho, iyo ntirinda inzoga nanjye nkazinywa ntabwo mba narabashije kurera abana icyenda. Aho baciriye ibyuma ubu twarahu-metse kuko nibura n’abagabo bacu tubabona mu rugo.”

Umuyobozi w’Akarere ka Gatsibo Gasana Richard, avuga ko ubwo abantu bamaze kubona ububi bw’inzoga zitujuye ubuziranenge bakwiye gukoresha umwanya bapfushaga ubusa bakagaruza ibyabo batakaje.

Ati: “Uyu ni umwanya ku bamaze igihe bari mu midugaruru batez-waga n’ubusinzi kwicara mu miryango yabo bakagenda uko bakora vuba, bagakora byinshi kugira ngo bagaruze umwanya batakaje.”

Uretse ibyaha byo gukubita no gukomeretsa byari byinshi muri ako K arere kandi bigatizwa umurindi n’ubusinzi, ibindi byaha bifitanye isano n’ubusinzi birimo gufata abana ku ngufu, ubujura n’amakimbirane.

Musanze: Karwasa bishimiye inzu y’ababyeyi yisanzuye bubakiwe



Ababyeyi bishimira inzu y’ababyeyi bubakiwe ku kigo nderabuzima cya Karwasa

NGABOYABAHIZI Protais

Ababyeyi n’abagana Ikigo nderabuzima cya Karwasa, mu Murenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze, bavuga ko bishimiye kubona inzu y’ababyeyi yabigenewe, kuko yabakuye mu bibazo byaterwaga no kubura ahantu hihariye kandi hatekanye ho kubyarira

Bavuga ko mbere y’uko iyi nyubako iboneka, imiterere y’aho batangiraga serivisi z’ububyezi itabafashaga kubona ibanga rihagije, ku buryo hari ubwo umubyezi yabaga ari kubyara abandi bantu bashobora kumubona, ibintu bamwe bavuga ko byabateraga ipfunwe kandi bika-bangamira ituze umubyezi aba akeneye muri icyo gihe.

Ubu iyi nzu y’ababyeyi nshya ifite aho kubyarira, ubwihereho, aho kogera, aho kubonereza urubyarar n’ibindi byangombwa bikenerwa mu gutanga serivisi z’ububyezi, bituma abagana Karwasa bavuga ko serivisi bahawe zirushaho kuba nziza kandi zubahiriza ubuzima bwite bw’umubyezi.

Umwe mu babyeyi bagana icyo kigo Mukankundimana Dancille yavuze ko kubona ahantu hihariye ho kubyarira ari impinduka ikomeye, cyane cyane ku biyanye n’ibanga.

Yagize ati: “Mbere byari biteye ipfunwe kuko icyo umubyezi yabaga ari kubyara, hari ubwo abandi bashoboraga kumubona. Kandi icyo uri kubyara uba ukeneye ahantu hihariye hatuje. Kuba ubu dufite aho kubyarira hatekanye bituma twumva twubashywe kandi twitabwaho neza, kuruta mu minsi yashize hari ubwo twabyariga no mu kibuga naho hatazituye, urabona ko noneho hano hari urupangu harikinzwe cyane.”

Uwamahoro Anisie we avuga ko mbere hari igihe ababyeyi bata-bonaga ubuzima bwite bukwiye mu gihe cyo kubyara, kuko babyariraga mu buryo butarimo ibanga.

Yagize ati: “Hari ubwo wasangaga umubyezi umwe ari kubyara, undi na we ari hafi kandi ashobora kumubona. Ibyo byaduteraga ipfunwe n’isoni. Ubu aho kubyarira harateguwe, umubyezi akabona umwanya wo kwitabwaho mu buryo bwihariye.”

Umujyanama w’ubuzima ku Kigo Nderabuzima cya Karwasa, Nyirahabimana Consolée, yavuze ko iyi nyubako yari ikenewe kugira ngo ababyeyi bahabwe serivisi mu buryo buboneye.

Yavuze ko iyubatswe yujuje ibyangombwa by’ingenzi bikenerwa mu kwita ku mubyezi, kuva mu gihe cyo kwisuzumisha kugeza ku gihe

cyo kubyara.

Yagize ati: “Turashimira Leta y’u Rwanda uburyo yatugeneye inzu y’ababyeyi yujuje ibisabwa byose, ikagira ubwihereho, aho kogera, aho kubonereza urubyarar, aho kubyarira n’ahandi hose haken-erwa mu guha serivisi nziza umubyezi uri kubyara.”

Nyirahabimana avuga ko kuba ababyeyi bafite ahantu habuge-newe ho kubyarira bizabafasha kurushaho kugira icyizere cyo kugana ikigo nderabuzima, aho gutinya ko batabona ibanga cyangwa umutekano ukwiye.

Umuyobozi w’Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, yavuze ko Leta y’u Rwanda ikomeje gushyira imbere ubuzima bw’umubyezi n’umwana, by’umwihariko mu guteza imbere serivisi zitangirwa ku bigo nderabuzima.

Yashimiye abagize uruhare mu kubaka icyo nzu y’ababyeyi, avuga ko ibikorwa nk’ibi bifasha mu gukumira ibibazo bishobora gushyira ubuzima bw’umubyezi cyangwa umwana mu kaga.

Yagize ati: “Reka dushimire igihugu cy’u Rwanda uburyo kizirikana ubuzima bw’umubyezi n’umwana mu gutanga serivisi zibaha agaciro.”

Nsengimana yavuze kandi ko iyi nyubako izagira uruhare mu guku-

mira imfu z’ababyeyi n’abana bapfa bavuka, cyane ko abakozi b’ubuzima bahawe ibikoresho bibafasha mu nshingano zabo, birimo n’imbangukiragutabara.

Yagize ati: “Iki gikorwa gifite uruhare mu gukumira imfu z’ababyeyi n’abana bapfa bavuka ndetse bikaduha n’icyizere ko abaganga bazakora inshin-gano zabo neza kuko bahawe n’ibikoresho bihagije birimo n’im-bangukiragutabara.”

Umuyobozi wa ENI Foundation, Domenico Giani, wagize uruhare mu kubaka icyo nzu ashimangira ko kubaka inzu y’ababyeyi byari ngombwa kandi ko byakozwe ku bufatanye na Minisiteri y’Ubuzima, hagamijwe gufasha mu kunoza serivisi zihabwa ababyeyi n’abana.

Yagize ati: “Cyari ikibazo ariko ku bufatanye na Minisiteri y’Ubuzima twubatswe icyo nzu z’ababyeyi mu rwego rwo gufasha ababyeyi bapfa babyara n’abana bapfa bavuka. Ni inzu zizagabanya izo mpfu zabo-nekaga mu bigo nderabuzima. Ni inyubako zanyu rero mugomba kuzikoresha neza kuko ari cyo zubakiwe.”

Iyi nyubako kandi ije mu gihe ubuyobozi bukomeje gushishi-kariza ababyeyi kwipimisha no kubyarira kwa muganga, kuko bifasha kumenya hakiri kare yibabazo bishobora kuvuka ku mubyezi cyangwa ku mwana no kubona ubufasha bw’abaganga igihe bikenewe.

Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y’Ubuzima ushinzwwe imivurire n’ubuzima rusange, Ndayizigiye Jean Marie Vianney, ashimangira ko ibikorwa nk’ibi bitareba inyubako gusa, ahubwo ko ari igikorwa cyo guha agaciro ubuzima bw’umubyezi n’umwana.

Yagize ati: “Si inyubako ziba zubatswe gusa; ahubwo ni uguha agaciro ubuzima bwiza bw’umu-byezi n’ubw’umwana, kuko biri mu ntego Leta y’u Rwanda yihaye, igamije kugabanya imfu z’abana n’ababyeyi.”

Kuri ubu, ababyeyi bagana Ikigo Nderabuzima cya Karwasa bavuga ko kuba bafite ahantu habuge-newe ho kubyarira bibaha ituze n’icyizere, cyane ko aho hantu habafasha kubyarira mu ibanga, bafite isuku n’ubufasha bw’aba-kozi b’ubuzima.

Kuri bo, inzu y’ababyeyi nshya si inyubako gusa, ahubwo ni igisubizo ku kibazo bari bamaze igihe bahura na cyo no kongera icyizere mu serivisi z’ubuzima bw’umubyezi n’umwana.

Nyagatare: Byinshi ku Mudugudu watanze umusanzu wa EjoHeza ku kigero cya 321%

HITIMANA Servand

U mudugudu wa Rutaraka mu Kagari ka Rutaraka, Umurenge wa Nyagatare ho mu Karere ka Nyagatare ukomeje gutan-gaza abatuye aka Karere nyuma y’aho beshereje umuhigo wo gutanga umusanzu wa EjoHeza ku kigero cya 321%.

Aya makuru yatangarijwe abahagarariye abaturatione mu byiciro bitandukanye mu Karere ka Nyagatare aho ubuyobozi bwashimiraga uyu Mudugudu ku budashyikirwa wagaragaje mu kwesa uyu muhigo.

Imibare igaragazaga ko uyu mwaka bari bafite umuhigo wo gutanga amafaranga angana na 1 100 000 Frw mu kigega cya EjoHeza.nyamara baje kuwu-soza bamaze gutanga agera kuri 3 544 000 Frw angana na 321%.

Ibi byatumye Imvaho Nshya inyarukira mu Mudugudu wa Rutaraka maze iganira n’abawu-tuye ndetse n’ubuyobozi buyigaragariza ibanga bakore-sheje mu kugera kuri iki kigero.

Gatete Jean Bosco uyobora uyu Mudugudu yagize ati: “Amafaranga twari twariye-meje gutanga yazamuye n’uko twagiye dukora ubukangur-ambaga tubona abandi bantu batabyumvaga bitabira kwiziga-mira muri EjoHeza.Ni igikorwa twasobanukiwe inyungu yacyo aho twumvise ko ubwizigame bwacu buzaturengera mu bihe biri imbere bityo abantu baby-itabira ku bwinshi.”

Ndahimana Cyprien avuga ko uko abaturatione bagenda baso-banurirwa iyi gahunda bituma bizigamira ndetse bakazamura n’imisanzu yabo.

Ati: “Mbere inaha mu giturage wavugaga kwizigamira muri EjoHeza abantu bakibaza aho aya mafaranga bazayagarurira ntibabyumve. Ariko ubu imyum-vire yarahindutse kuko tubona babidusobanurire ku buryo bwimbitse, bakatugaragariza ko amafaranga yacu yunguka kandi akazatugoboka ku buryo hari uba yatangaga nka 3 000 Frw

KOMEZA KU RUP.17

Nyagatare: Byinshi ku Mudugudu watanze umusanzu wa EjoHeza ku kigero cya 321%

IBIKURIKIRA URUP.16

akazamura umusanzu agatanga 5 000 Frw ku kwezi.”

Mukabazayire Anet yongeraho ko mu bindi byatumye bazamura umusanzu ari ubwitabire mu kuzigamira n’abana babo bakiri bato.

Agira ati: “Twumvise neza iyi gahunda turayikunda. Hejuru y’ubwizigamire nari mfite nong-eyeho gahunda yo kuzigamira abana banjye muri EjoHeza. Ibi rero byatumye nongera umusanzu uva mu muryango wanjye ujya muri EjoHeza.”

Rwakibibi Tom na we ni umuturage uvuga kwitabira iyi gahunda ku bushake ari kimwe mu byatumye bagera aho bari.



Abaturatione bagaragaza ko basobanukiwe ibyiza bya EjoHeza bayitabira badaseta ibirengere

Ati: “Buriya hari gahunda ziza zisaba imisanzu ugasanga kuzi-nyamo ni ugusunka. Iyo bimeze gutyo ntibitanga umusanzu kuko haba kureba ku jisho bityo ubigu-saba yareba hirya cyangwa agiye mu bindi uwo muni ntubikore. EjoHeza inaha rero si uko bimeze, ni gahunda twagiye twumva impamvu yayo nyuma yo guso-banurirwa inyungu. Ibi bituma umuntu mu byo yinjije agerageza kwizigamira umusanzu yumva uhagije.”

Uyu Mudugudu urimo ibikorwa by’ubuhinzi n’ubworozi. Abakora iyi mirimo bahamya ko icyo bagize ibyho binjiza biturutse mu bikorwa byabo babanza gutanga ubwisungane mu kwivuzza ndetse bakanzigamira muri EjoHeza.

Uyu Mudugudu urimo ibikorwa by’ubuhinzi n’ubworozi. Abakora iyi mirimo bahamya ko icyo bagize ibyho binjiza biturutse mu bikorwa byabo babanza gutanga ubwisungane mu kwivuzza ndetse bakanzigamira muri EjoHeza.

Uyu mwaka w’ingengo y’imari 2026 - 2027 biteganyijwe ko hazizigamirwa imisanzu ingana na 501 552 125 Frw ubu hakaba hamaze gutangwa angana na 134 350 178 Frw bigana na 26.8%.

Ni igikorwa bashimirwa n’ubuy-

Nyaruguru: 40% by’abapimwe, basanze barwaye indwara zitandura batabizi



Abaturatione bapimwe umuvuduko w’amaraso n’isukari

BYUKUSENGE Annonciata

Ikigo cy’Igihugu cy’Ubuzima (RBC) cyatan-gaje ko Abanyarwanda bakwiye kwisuzumisha indwara zitandura hakiri kare kuko mu Karere ka Nyaruguru honyine hapimwe abantu 1600, 40% byabo basangwamo izo ndwara batari babizi.

Abanyarwanda bashishikarijwe kurya indyo yuzuye yiganjemo imboga n’imbuto, kugira ngo birinde indwara z’umutima n’izindi ndwara zitandura, kuko imirire mibi ari imwe mu mpamvu zizitera.

Byagarutseweho ku wa Gatandatu ubwo u Rwanda rwifatanyaga n’Isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kwita ku mutima wizihirijwe mu Karere ka Nyaruguru, ufite insanganyamatsiko igira iti: “Rinda Umutima Wawe.”

Dr. Ntaganda Evariste, ushinzwwe gukurikirana indwara z’umutima mu Kigo cy’Igi-hugu cyita ku Buzima (RBC), avuga ko mu bukangurambaga bwakozwe mu Karere ka Nyaru-guru hapimwe abantu 1600, 40% muri bo basangwa barwaye indwara zitandura batabizi.

Ati: “Zimwe mu mpamvu nyamukuru ni ukunywa inzoga ku kigero cyo hejuru kandi ntibite ku mirire yabo. Aba twasanze barwaye bahise batan-gira gukurikirana, harimo n’abafite indwara z’umutima boherejwe mu bitaro bya Gisiri-kare i Kanombe na mu bitaro byitiriwe Umwami Faysal ngo bajye kubagwa.”

Akomeza avuga ko abantu basabwa kwita ku mibereho n’ubuzima bw’umutima wabo, barya indyo yuzuye, kuko izi ndwara zitakiri mu bakuze gusa,

ahubwo zisigaye zifata n’abakiri bato.

Ati: “Umubare munini w’abarwayi boherezwa kuvurirwa mu bitaro by’i Kigali baturuka mu Karere ka Nyaruguru, kubera ko Ibitaro bya Munini bifite umwihariko wo kuvura indwara z’umutima. Ibi biri mu byatumye uyu muni mpuzamahanga w’umutima wizihirizwa muri aka karere kuko kagaragaramo umubare munini w’abafite indwara zitandura.”

Ibi birori byahuriranye no gusozza ubukangurambaga bwo kwita ku buzima bw’umutima bwako-rewe mu Karere ka Nyaruguru. Byabimburiwe na siporo rusange yabereye mu Murenge wa Kibeho, hanapimwa indwara zitandura abitabiriyeye ibi birori.

Bamwe mu bitabiriyeye igikorwa cyo kwisuzumisha indwara zitan-dura, babwiye Imvaho Nshya ko ubusanzwe batajya bafata umwanya wo kujya kwa muganga kwisuzumisha.

Uwamariya Beatrice, ufite imyaka 54 y’amavuko, avuga ko mbere yatekerezaga ko indwara zitan-dura ari iz’abakire.

Ati: “Kera ntabwo twatekerezaga ko umukene yarwara igisukari, umutima cyangwa umuvuduko w’amaraso. Twari tuzi ko zirwara abantu bo mu mijyi kubera kurya amavuta menshi, ariko mu bukan-gurambaga bumaze iminsi hano iwacu, nasobanukiwe ko imirire mibi, kunywa inzoga n’itabi biri mu bitaro indwara zitandura.”

Yunzemo ati: “Mu bukanguram-baga nagiywe ku kigo nderabuzima kuko basuzumiraga ubuntu, barampima basanga ndi muzima ariko muganga ambwirako mfite ikibazo cy’uko ndya ibiryo bicye ngomba kongera ingano y’ibiryo kugira ngo izi ndwara zitanyiba-sira.”

Mugenzi we, Kanani, avuga ko bamupimye bagasanga afite ikibazo cy’isukari nyinshi mu mubiri.

Ati: “Njewe basanze mfite isukari nyinshi, ariko mu busanzwe ntabwo nywa icyayi cyangwa igikoma. Ariko muganga yambwiye ko ari ikibazo cy’inzoga ngomba kuzireka cyangwa nkazigabanya. Ndi mu bantu bahise batangira kuvurwa.”

Umuyobozi w’Akarere ka Nyaru-guru, Dr. Murwanashyaka Emmanuel, avuga ko imibare y’abarwaye indwara zitandura yagaragaye mu bukangurambaga yabisigiyemo umukoro wo gushyira imbaraga mu bukangurambaga bwo kurwanya no kwirinda indwara zitandura, by’umwihariko iz’umutima.

Ati: “Ni ngombwa ko ubuzima bwacu tubushyiraho umutima mu mibereho yacu twirinda ibidu-hangayikisha, kunywa inzoga, kurya indyo yuzuye kandi tukip-imisha kuko bidufasha kumenya uko duhagaze kugirango umutima wacu ugire ubuzima bwiza.”

Indwara zitandura zikomeje kwiy-ongera

Raporo y’Ikigo cy’Igihugu cy’Ibaru-rishamibare (NISR) yo mu 2025, igaragaza ko indwara zitandura zageze kuri 49,5% by’impfu zose zigaragara kwa muganga, mu gihe indwara zandura zageze kuri 40%.

Iyi mibare yerekana impinduka zikomeye ugereranyijye n’umwaka wa 2019, aho indwara zandura zari ku kigero cya 70%, mu gihe izitan-dura zari kuri 27,9%.

Mu myaka itandatu ishize, indwara zitandura zagaye ziyongera, mu 2020 zari kuri 34,7%, mu 2021 zigera kuri 41%, mu 2022 zigera kuri 45,4%, mu 2023 ziba 46%, mu 2024 ziba 47,7%, kugeza aho mu 2025 zageze kuri 49,5%.

Rubavu: Kubungabunga umugezi wa Sebeya byahinduye imibereho y’abaturage

NGABOYABAHIZI Protais

Umugezi wa Sebeya utarubakwaho inkuta zikumira amazi, iyo imvura nyinshi yagwaga mu bice bimwe by’Akarere ka Rubavu, abaturage batuye hafi y’uwo mugezi bavuga ko bahangayikishwaga n’amazi ashobora kurenga inkombe, gutwara imyaka, gusenya inzu no guteza impanuka ku bashakaga kuwambuka.

Bamwe mu baturage bavuga ko mbere y’ibikorwa byo kubung-abunga Sebeya, umugezi wari warababereye isoko y’ibibazo, aho amazi yawo yangizaga imitungo ndetse akabangamira ingendo n’imibanire y’aba-turage bari batuye iruhande rwawo.

Kuri ubu bavuga ko hari impinduka bagenda babona, nyuma y’ibikorwa byo kugab-anya umuvuduko n’ingaruka z’amazi, kubaka inkuta zirengera umugezi no kunoza ibikorwa remezo birimo ibiraro.

Nsengiyumva Ladislav, utuye mu Murenge wa Nyundo, avuga ko Sebeya yajyaga ibatera ubwoba cyane cyane mu gihe cy’imvura nyinshi.

Yagize ati: “Kubungabunga umugezi wa Sebeya byaduhin-duriye ubuzima biduha n’icyizere cyo kubaho. Iyo uyu mugezi wuzuraga amazi yarasenderaga agasenya uturaro tw’ibiti twabaga hano. Ariko ubu batwubakiye ikiraro kijanyane n’igihe, turambukaho neza kandi ubu ni amahoro. Dutahira isaha dushakiye twizeye ko nta muntu uri bugwe mu mazi.”

Mukurizehe Annonciata avuga ko ikibazo cy’amazi ya Sebeya kitagarukiraga ku kuban-gamira ingendo gusa, ahubwo ko n’imyaka yahingaga yajyaga yangizwa n’amazi, rimwe na rimwe akagera no ku nzu.

Yagize ati: “Mbere, Leta itara-fatira umugezi wa Sebeya ibyemeye ngo iwubungabunge yubake inkuta zikumira amazi, wasangaga amazi yatwagiri-rije imyaka tugahorana inzara kandi twarahinze. Hari n’igihe inzu zacu zasenywaga n’amazi, imvura yagwaga nijoro abantu bakagira impungenge zo gupfa. Kuri ubu, kuva Sebeya yabung-abungwa, amazi agakumirwa, tubayeho neza cyane.”

Gatarayiha Gilbert na we avuga ko Sebeya yigeze kugira



Ibiraro byubatswe mu rwego rwo kukumira amazi y’umugezi wa Sebeya byoroheje ubuhahirane n’imigender-anire



Hatewe imigano ku nkengero z’umugezi wa Sebeya mu rwego rwo kurwanya isuri

ingaruka zikomeye ku miturire y’abaturage.

Yagize ati: “Sebeya yadusenyeje inzu kugeza ubwo twimutse tukajya gutura ahandi. Ubu aho yanyuze mu gice twari dutuyemo ntiwamenya ko higeze inzu. Ariko kuri ubu ubona ko n’inzu ziri hafi y’umugezi abantu babamo bafite icyizere ko umutekano uhari.”

Nubwo avuga ko hari impin-duka, Gatarayiha ashimangira ko abaturage bagomba guko-meza kugira uruhare mu kwirinda ibiza, kuko ibikorwa remezo byonyine bidahagije.

Yagize ati: “Kuba Sebeya yara-kumiriwe gusesa amazi ku baturage n’ibyabo ntibubijije ko tugomba kugira amakenga. Mu gihe twitegura imvura tugomba gusibura imiringoti no gufata izindi ngamba zo kurinda inzu zacu.”

Ibi bigaragaza ko ku batu-rage, ikibazo cya Sebeya kitari icy’umugezi gusa, ahubwo cyari gifitanye isano

n’umutekano w’abantu, ubuhinzin’imigen-deranire.

Kamunutsi Emanuel, utuye mu Murenge wa Nyundo, avuga ko kubaka ibiraro byatumye abaturage bagira uburyo bwizewe bwo kwambuka, ndetse bikorohereza n’itwarwa ry’umusaruro.

Ati: “Ubu dufite ikiraro cyiza cyubatse hejuru ku buryo amazi atapfa kukirenga cyangwa ngo agisenye mu buryo bworoshye. Ubu imodoka zinyura hano, umusaruro wacu ukagera ku isoko twizeye ko nta kibazo.”

Yongeyeho ati: “Ikindi ni uko nta murwayi ukirembera hakurya y’umugezi ngo abure uko aya baturage n’ibyabo ntibubijije ko tugomba kugira amakenga. Mu gihe twitegura imvura tugomba gusibura imiringoti no gufata izindi ngamba zo kurinda inzu zacu.”

Kavamahanga Jean Claude, Umukozi ushinze ubuhinzi mu Murenge wa Nyundo, avuga ko mbere ya 2021 Sebeya

yatezaga imyuzure myinshi yangizaga imyaka n’inzu.

Avuga ko gahunda zo kubung-abunga icyogogo cy’uyu mugezi zahujwe n’izindi ngamba zo guteza imbere ubuhinzi, birimo amaterasi y’indinganire no kongera ubumenyi bw’aba-hinzi.

Yagize ati: “Mbere ya gahunda yo kukumira amazi yo muri Sebeya nta musaruro wabo-nekaga kuko yarawutwaraga, ariko amaterasi y’indin-ganire atarubakwa biyanye no kubungabunga Sebeya wasangaga abaturage bahinga mu kajagari, bagahinga ibigori n’ibishyimbo batazi ko bashobora guhinga n’ibirayi batabona umusaruro. Aho gahunda yo guca amaterasi itangiriywe, twabigishije guhinga ibirayi tunabaha ifumbire.”

Akomeza avuga ko ibyo bikorwa byagize uruhare mu kongera umusaruro w’aba-turage no gukoresha neza ubutaka.

Yagize ati: “Ubu Nyundo yeza

imyaka myinshi. Kubung-abunga Sebeya, kubuza amazi gusandara ngo yangize imitungo y’abaturage cyangwa agire abo ahitana, byatumye imibereho yabo ihinduka. Turasaba abaturage gukomeza kubungabunga ibyagezweho no kwita ku nkuta zubatswe ku mugezi.”

Umuyobozi w’Akarere ka Rubavu, Prosper Mulindwa, avuga ko ibikorwa byo kubung-abunga umugezi wa Sebeya n’icyogogo cyawo byagabanyije cyane ingaruka z’ibiza byater-waga n’uyu mugezi.

Avuga ko ibyo bikorwa byahujwe no guteza imbere ubuhinzi, kubaka ibikorwa remezo no kunoza imigendere y’abantu n’ibicuruzwa.

Yagize ati: “Kuri iriya misozi ikikije Sebeya imvura yarag-waga igatwara ubutaka ku buryo nta nyungu yahabo-nekaga, ariko haje umushinga wa Sebeya hibandwa kunyungu zihuse z’abaturage, babona imirima, bahabwa ifumbire mu rwego rwo kongera ubuso buhingwa. Byatumye n’umu-saruro wiyongera.

Ni na yo mpamvu muri Nyundo imyaka inyuranye, harimo n’ibi-rayi, yabaye myinshi, ibiciro bikomeza kuguma hamwe, tugasagurira n’amasoko, kandi ubutaka bw’abaturage bugira agaciro.”

Ku biyanywe n’imigenderanire, avuga ko kubaka ibiraro n’ib-indi bikorwa remezo byoroheje ingendo z’abaturage ndetse n’itwarwa ry’umusaruro.

Yagize ati: “Kubakira Sebeya inkuta zikumira amazi byatumye imigenderanire iba nta makemwa, aho hubatswe ibiraro byambukirwaho n’aba-turage kimwe n’ibinyabiziga bitwara umusaruro wabo.”

Ubu abaturage bavuga ko ibikorwa byo kubungabunga Sebeya byatumye batangira kureba amazi y’uyu mugezi mu buryo butandukanye, kuko umutekano wabo n’ibikorwa byabyo buri munsu byarushi-jeho kuba byiza.

Icyakora, abaturage n’ubuy-obozi bashimangira ko ibyagezweho bisaba guko-meza kubungabungwa, kuko imvura nyinshi ishobora kongera gushyira mu kaga ibice biri hafi y’imigezi iyo imiyo-boro y’amazi, inkuta n’ibindi bikorwa remezo bidakomeje kwitabwaho.

Umushinga wo kubungabunga umugezi wa Sebeya n’icyo-gogo cyawo ukorerwa mu Turere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro na Ngororero, ukaba warashyizwemo miliyari 22 z’amafaranga y’u Rwanda ku nkunga y’Ambasade y’u Buholandi.

ITANGAZO RY’ISOKO

Section 1. Lettre d’Invitation (LI)

REPUBLIQUE DU RWANDA



DISTRICT DE NYARUGENGE
SECTEUR DE NYARUGENGE
CENTRE MEDICO SOCIAL BIRYOGO
Tél: 07 88 49 36 89
Email: cmsbiryogo@yahoo.fr

AVIS D’APPEL D’OFFRE N° 01/2026- 2027/CMS BIRYOGO.

TITRE: EFFECTUER DES TRAVAUX D’HYGIENE ET PROPRETE DU CENTRE MEDICO SOCIAL BIRYOGO

Le Centre Medico Social Biryogo lance un avis d’appel d’offres pour l’exécution des services d’hygiène et de propreté au sein du même centre.

La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions aux entreprises ou personnes physiques immatriculées au registre de commerce au Rwanda.

Les Dossiers d’appels d’Offres établis en langue Française peuvent être obtenus dans le Secrétariat du bureau du Centre Medico Social Biryogo (Secrétariat) à partir du 05/10/2026 sur présentation d’un bordereau de versement de dix mille Francs Rwandais (10.000 Frw) non remboursables au compte n° 100103497919 CMS BIRYOGO ouvert à la Banque de Kigali.

Les offres bien dactylographiées, reliées convenablement, rédigées en langue Française, Anglaise ou Kinyarwanda et présentées en quatre exemplaires dont un original et trois copies, devront parvenir au secrétariat du Centre Medico Social Biryogo au plus tard le 04/11/2026 à quinze heures trente minutes (15h30) et l’ouverture des offres aura lieu la même date à 15 h 45 dans la salle de réunion du CENTRE MEDICO SOCIAL BIRYOGO en séance publique.

N.B : Les offres non présentées selon les prescriptions du présent avis d’appel d’offres et non reliées convenablement seront retournées aux propriétaires.

Le visite du lieu aura lieu le 27 et le 28/10/2026 au Centre Medico Social Biryogo à partir du 10H00 au 12H00

Fait à Kigali le 02/10/2026

NYIRANZEYIMANA Marie Pélage
Titulaire du Centre Medico Social de Biryogo



ITANGAZO RY’ISOKO

REPUBLIKA Y’U RWANDA



MINISTÈRE Y’UBUREZI
INTARA Y’AMAJYARUGURU
AKARERE KA MUSANZE
ISHURI RY’UBUMENYI NA TEKINIKI
RYA BUSOGO (ESTB BUSOGO)
Tél: 0788617288/0788951235
E-mail: estbusogo@yahoo.fr

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

Ubuyobozi bw’ishuri rya ESTB BUSOGO TSS buramenyesha ba Rwiyemezamirimo; amakompanyi n’amakoperative babyifura kandi babifitiye ubushobozi, kuza gupiganira amasoko yo kugemura consummables agiye na Lot 8 zikurikira mu mwaka w’amashuri 2026/2026:

S/N	Izina ry’isoko
Lot 1	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Building construction
Lot 2	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Public works
Lot 3	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Wood Technology
Lot 4	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Electrical Technology
Lot 5	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Plumbing Technology
Lot 6	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Food and Beverage Operation
Lot 7	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Food Processing
Lot 8	Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho bishira (Consummables) mu ishuri rya Manufacturing Technology

Igitabo cy’ipiganwa kuri aya masoko kiboneka mu bunyamabanga bw’ishuri rya ESTB, guhera tariki ya 28/09/2026, mu minsi n’amasaha y’akazi, gitabo gitabwa uwamaze kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5,000F) kuri Lot imwe adashyirwa, yishyurirwa kuri Compte y’ishuri No: 00090-00420998-29 I.K.

Amabashyamba y’ipiganwa arimo ibiciro afatwe neza agomba kugezwa mu bunyamabanga bw’ishuri bitarenze kuwa 19/10/2026 saa tatu (09h00). Gufungura amashyamba bizakorwa uwo munsu saa 09h30 mu cyumba cy’inama cya ESTB BUSOGO TSS.

Bikorewe i Busogo, kuwa 28/09/2026



HASHAKIMANA Obel
Umuyobozi wa ESTB Busogo



ITANGAZO RY’ISOKO

Repubulika y’u Rwanda

Umujyi wa Kigali

Akarere ka Nyarugenge

UMURENGE WA KIGALI

ITANGAZO RIHAMAGARIRA IPIGANWA RY’AMASOKO

Ubuyobozi bw’Umurenge wa Kigali burahamagarira ba rwiyemezamirimo, koperative n’abantu ku giti cyabo babyifura, handitse mu gitabo cy’ubucuruzi no muri TVA kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira:

No y’isoko	Inyito y’isoko
P00001/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gutanga ibikoresho byo mu biro
P000010/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gukodesha imodoka
P000009/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gutwara inyandiko z’umurenge
P000008/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gusina inyubako n’ibikoresho by’umurenge
P000007/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gukora maintenance ICT Equipment
P000006/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gutanga ifu z’ipikoma
P000005/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gutanga serivisi za restaurant na motel
P000003/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gukodesha indanguramajwi
P000002/2026/2027/KIGALI SECTOR	Isoko ryo gukodesha amashuri n’itebe

Ibitabo by’amabashyamba agenga ipiganwa biboneka mu Bunyamabanga Rusange bw’Umurenge wa Kigali guhera tariki ya 06/10/2026, herakanywe urupapuro rwishyurirweho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 FRW) adashyirwa kuri konti ya RRA.

Amabashyamba afatwe neza, YANDITSEHO GUSA INYITO Y’ISOKO, arimo ibiciro, inyandiko y’ipiganwa imwe y’umwimerere na kopi eshatu (3) zayo bitatangwa mu Bunyamabanga Rusange bw’Umurenge wa Kigali bitarenze tariki ya 26/10/2026 saa yine za mu gitondo (10h00). Gufungura amabashyamba arimo inyandiko z’ipiganwa ni kuri icyo tariki saa yine n’iminota mironko itatu (10h30) mu cyumba cy’inama cy’inama cy’Umurenge wa Kigali.

Bikorewe i Kigali, ku wa 02/10/2026



NKURUNZIZA Idrissa
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Kigali



ITANGAZO RY’ISOKO

Repubulika y’u Rwanda

Umujyi wa Kigali

AKARERE KA KICUKIRO
UMURENGE WA NIBOYE

Ref: 001/2026/07.01.03/2026

Niboye, 02/10/2026

ITANGAZO RY’ISOKO

Umurenge wa Niboye uratumira ba Rwiyemezamirimo bujije ibyangombwa kandi babishoboye kuza gupiganira isoko rikurikira:

N°	Izina ry’isoko	Numero y’isoko	Umunsu n’isaha; yo gutangira kugura ibitabo	Umunsu n’isaha yo kurangira kwakira ibitabo	Umunsu yo gufungura ibitabo
1	Isoko ryo gutanga ibiribwa, ibinyobwa n’aho kwiyakirira muri hotel, (reception halls in Hotel)	N°05/S/NIB-SECTOR/2026-2027	05/10/2026	23/10/2026	23/10/2026

Inyandiko z’amabashyamba agenga ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw’Umurenge wa Niboye mu minsi yose y’akazi guhera kuwa 05/10/2026 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adashyirwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority (RRA), kwakira no gufungura inyandiko z’ipiganwa biteganyijwe ku matariki n’amasaha byagaragajwe mu mbonerabweme iri haruguru. Inyandiko zizakirirwa mu biro by’Ubunyamabanga bw’Umurenge wa Niboye, nabo kuzifungura bizabera mu cyumba cy’inama cy’Umurenge wa Niboye byose ku matariki n’amasaha byagaragajwe mu mbonerabweme iri haruguru.

Bikorewe Niboye kuwa 2/10/2026



NIBAGWIRE Jeanne
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Niboye



SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'ishuri ry'Umutara Polytechnic- Nyagatare (Gakoni), buramenyesha abantu bose babifitiye ubushobozi ko rishaka gutanga amasoko akurikira;

1. Ibikoresho byafashishwa mu kwigisha (Consumables)
2. Ibikoresho by'isuku, ibya bureau, ibya siporo ndetse n'ibindi bitandukanye.
3. Ibiribwa bigizwe n'isukali, ubuto, umunyu n'imigati

Igitabo gikubiyemo ibikenewe kiboneka ku cyicaro cy'iryo shuri kuva tariki ya 02/10/2026 kugeza tariki ya 27/10/2026 mu masaha ndetse no mu minsi y'akazi, mu biro by'amunyamabanga w'iryo shuri. Ugihabwa agomba kuba yamazwe kwishyura amafaranga ibihumbi icumi y'u Rwanda (10000frw) adasubizwa kuri konti y'ishuri N°0589267255110196 iri muri BPR yitwaga Umutara Polytechnic. Amababasha afungiyemo inyandiko zisaba ayo masoko nizikubiyemo ibiciro agomba kuba yagejejwe mu biro by'amunyamabanga w'ishuri bitarenze tariki ya 29/10/2026 saa tatu za mugitondo (9 : 00 Am), afungurirwe mu ruhamwe kuri icyo tariki ya 29/10/2026 ku ishuri saa tatu n'igice za mugitondo (9 :30 am).

Uwakenera ibindi bisobanuro yabariza kuri telephone zigendanwa :0788530281/0788743622.

Bikorewe i Gakoni kuwa 29/09/2026.

MUDENGE Jeremie
Umuyobozi w'ishuri.



ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'UBURENGERAZUBA
AKARERE KA NGORORERO
UMURENGE WA HINDIRO
Telephone : 0788776999

ITANGAZO RY'ISOKO No P00063/2026/2027/HINDIRO SEC RYO KUGEMURA INTEBE Z'ABARIMU, AMEZA Y'ABARIMU N'INTEBE Z'ABANYESHURI

Umurenge wa HINDIRO ku mafaranga ubawira n'akare ka Ngororero srahagarira bukwiyemazamirino babashakira kandi babashoboye ko uwo murenge ushaka gutanga isoko ryo kugemura intebe z'abarimu, ameza y'abarimu n'intebe z'abanyeshuri mu ngengo y'amwaka wa 2026/2027

Hazagomurwa intebe 3 z'abarimu, ameza 3 y'abarimu n'intebe z'abanyeshuri 69

Ibi bikoresho bizagomurwa ku kigo cy'amashuri cya NYABIBO mu kagari ka MARANTIMA mu murenge wa Hindiro

Igitabo gikubiyemo amashyamba y'ipiganwa kiraboneka ku biro by'umurenge wa Hindiro kuva ku tariki ya 30/09/2026 mu masaha y'akazi. Uyuhashakazabura kwerekana inyemezabwishyura y'amafaranga ibihumbi icumi yishyuye kuri konti ya Rwanda Revenue Authority abanje gukora declaration kugira ngo abone imihire yishyuriraho

Ababashakira kandi babashoboye batanga ibiciro byabo mu burwa bandikira umunyamabanga nibingwabikorwa w'umurenge wa Hindiro. Mu mababasha afunze neza arimo imwe y'umwimerere n'izindi cyari byari inyuma handitaho isoko yashyiraye bakazawira mu buryamabanga nibingwabikorwa bitarenze kuwa 21/10/2026 sayine za mu gitondo. Uzurenza masaha avuze haruguru dosiye ye ntizakirwa

Amababasha azafungurwa bitarenze uwo munsi sayine n'igice mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Hindiro hari abaturutse ibiciro cy'abababaziraye

Bisobanuro byimbitse bikubiyemo mu gitabo cy'ipiganwa kandi ku bindi bisobanuro wahamagaye 0784007884 cyangwa 0788767794

Done at HINDIRO on 30/09/2026

HIBUKIMFURA Jean Pierre

Executive secretary of HINDIRO Sector



ITANGAZO RY'ISOKO



- HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

AMENDMENT N° 1 TO THE TENDER NOTICE

Title: Tender for the supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students

Client: UR-HG LTD

Source of funds: Generated Revenues

UR-HG LTD would like to inform all interested bidders to the tender NO 05-G/2026/NCB: UR-HG LTD for the supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students as advertised in ImvahoNshya of 23/09/2026 that the deadline for submission of bids has been extended from 2/10/2026 to 09 October 2026 at 12:00 PM. All other provisions and requirements of the tender document remain unchanged.

Done at Kigali, on 29/09/2026

MUGESERA Narcisse
Managing Director/UR-HG LTD



ITANGAZO RY'ISOKO



RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL
Sainte Marie (ROSH, S^{te} Marie)
Tel: +250 788298784 / 788298948
E-mail: rilimaorthopedic@gmail.com
Website: www.rilimaorthopedic.rw

ITANGAZO N° 01/F/2026-2027/ ROSH S^{te} Marie /BUGESERA DISTRICT

Ubuyobozi bwa "Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie (ROSH, S^{te} Marie)" buramenyesha abaturutse bese babifitiye ubushobozi, ko bushakira gutanga isoko rikurikira:

Nomero y'isoko	Izina ry'isoko	Igihe cyo gusurura abazatangirwa service (Site Visit)	Igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa	Igihe gufungurwa inyandiko z'ipiganwa
17/F/2026-2027/ ROSH, S ^{te} Marie	Isoko ryo kugaburira abaturutse, abakozzi n'abashyitsi ba ROSH, S ^{te} Marie (Provision of restaurant Services to ROSH S ^{te} Marie and Kigali Branch)	05/10/2026 11:00-12:00 AM	09/10/2026, 11:30 AM	09/10/2026, 12:00 AM, mu cyumba mberabwami cya ROSH, S ^{te} Marie

Igitabo gikubiyemo amashyamba agamya ipiganwa kiboneka mu biro by'umukazi ushinze amasoko muri "Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie (ROSH, S^{te} Marie)" mu minsi y'akazi uhanywe tariki ya 29/09/2026, hagati ya saa mbiri za mugitondo (08:00') na saa kumi n'ine za mugitondo (17:00'). Igitabo cy'isoko cyishyurwa amafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10.000frw) adasubizwa kuri konti y'ibitaro N° 100236844689 ifunguye muri Banki ya Kigali (BK), mu izina rya « RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL ».

Abifuzaga ipiganwa iryo soko bagomba kuba bagejwe mu biro by'umukazi ushinze amasoko muri "Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie (ROSH, S^{te} Marie)" amababasha afunze neza arimo inyandiko z'ipiganwa bitarenze tariki n'isaha byavuzwe mu mbonerahamwe iri haruguru.

Gufungura amababasha mu ruhamwe ni ku itariki n'isaha byavuzwe mu mbonerahamwe iri haruguru, mu cyumba mberabwami cya "Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie (ROSH, S^{te} Marie)".

Bikorewe i Rilima, kuwa 29 Nzeri, 2026.

Dr. Albert NZAYISENGA
Umuyobozi Makuru wa ROSH S^{te} Marie



ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF.N° RMT-2026-067595 CYO KUWA 25/08/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU YUBATSE MU KIBANZA GIFTTE UPI: 5/02/10/04/394, IHEREREYE MU MUDUGUDU WA KAKIRAGE, AKAGARI KA KAKIRAGE, UMURENGE WA NYAGATARE, AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

NO	UBUTAKA	UPI	AGACIRO	5% INGWATE Y'IPIGANWA
1	UBUTAKA INZU	BWUBATSEMO 5/02/10/04/394	4.460.000 Frw	0 Frw

CYAMUNARA	UMUNSI/UKWEZI CYAMUNARA IZABERAHO	ISAHU
INSHURO 2	KUVA KUWA 1/10/2025 KUGEZA 08/10/2026	SAA YINNE (10H00)
INSHURO 3	KUVA KUWA 10/10/2026 KUGEZA 17/10/2026	SAA YINNE (10H00)

- CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA IPIGANWA RIZAKORERWA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW. ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA KUBANZA

- ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA GUSURU UMUTUNGO NI BURI MUNSI MUMASAHU Y'AKAZI
- AMAFARANGA Y'UBWISHYU AZASHYIRWA KURI KONTI N° 102037300350101 IRI MU MAZINA YA NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR IRI MURI VISION FUND RWANDA (VFR) GUSURU UMUTUNGO NI BURI MUNSI MINSI Y'AKAZI GUHERA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMO ZA NIMUGOROKA MU MINSI Y'AKAZI
- UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI N° ZA TELEPHONE IGENDANWA : 0785 83 04 57.

BIKOREWE I KIGALI, KUWA 29/09/2026

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR



ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA

Mu rwego wo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyo kugurisha ingwate cyo kuwa 15/08/2026 gifite ref. n°PMT-2026-208185, kugirango hishyurwe umwenda umukirya abereyemo Banki, uwashinze kugurisha ingwate Me Beninka Marie Jeanne, aramenyesha abantu bose ko azagurisha mu cyamunara ku niburo ya gutatu binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga umutungo utimukanwa ugizwe n'ubutaka buhingwa buharuye kuri UPI: 2/08/01/04/703 uhanywe mu Mudugudu wa Nyamugari, Akagari ka Nkingo, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, Intara y'Amajyepfo.

Ingengabire y'uburyo cyamunara zizakurikirana iteye:

CYAMUNARA	IGIHE CYAMUNARA IZABERA (UMUNSI, UKWEZI, UMWAKA)	ISAHU
ITARIKI	YO ITARIKI YO KWIFUNGA	
GUTANGIRA		
Inshuro ya 3	Kuva kuwa 30/09/2026	Kugeza kuwa 07/10/2026
		Saa sita (12h00)

Uwo mutungo utimukanwa ni ubutaka buhingwa bufitse ubuso bungana na 1.014 sqm bufitse agaciro fatizo ka Miliyoni indwi n'ibihumbi ijana (7.100.000Frw) bitoye ingwate y'ipiganwa ya 5% ikaba ingana n'ibihumbi magana atatu na mirongo itanu na bitanu by'amafanga y'U Rwanda (355.000Frw) yishyurwa hacye muri systeme ya cyamunara (cyamunara.gov.rw) ikaguhira code wishyuraho muri Bank ya Kigali (BK) cyangwa Mobile Money hakoreshejwe Urubutapay.

Ushaka gupiiganwa atanga ibiciro binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri www.cyamunara.gov.rw ari naho musanga ifoto y'umutungo. Uzatsindira umutungo azishyura kuri konti y'amushesha w'inkiko Me BENINKA Marie Jeanne n°102045201050001 iri muri VISIONFUND RWANDA (VFR) LTD. Gusurura uwo mutungo bikorwa iminsi yose. Abifuzaga ibindi babariza kuri telephone igendanwa 0788762728 ya BENINKA Marie Jeanne.

Bikorewe i Kigali, kuwa 30/09/2026

Uwashinze kugurisha ingwate

Me BENINKA Marie Jeanne



ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MURWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU Ref N° :PMT-2026-025222 CYO KUWA 16/09/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IBARUYE KURI UPI:5/05/02/03/485 IHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO, AKAGARI KA MUGANZA, UMURENGE WA GATORE, AKARERE KA KIREHE MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA; UYU MUTUNGO UKABA UFITE UBUSO BUNGANA NA 493 m², AGACIRO KUMUTUNGO KARI KU ISOKO NI 7.500.000 Frw

INGENGABIRE Y'IPIGANWA MURI CYAMUNARA YO KUNSHURO YA 2:

CYAMUNARA	UMUNSI/UKWEZI/UMWAKA/CYAMUNARA	ISAHU
INSHURO YA 1	KUVA 10/10/2026 KUGEZA 17/10/2026	14H00
INSHURO YA 2	KUVA 19/10/2026 KUGEZA 26/10/2026	14H00
INSHURO YA 3	KUVA 28/10/2026 KUGEZA 04/11/2026	14H00

ABIFUZA GUPIGANWA KURI UYU MUTUNGO BAGOMBA KUBANZA KWISHYURA AMAFARANGA Y'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA 375.000 frw AHWANYE NA 5% BY'UMUTUNGO UGURISHWA, AKISHYURWA KURI NOMERO YADEKARAYE MURI SISITEMU YA CYAMUNARA HAGENDEWE KUMABWIRIZA YA CYAMUNARA www.cyamunara.gov.rw.

- UWATSINDIYE CYAMUNARA YISHYURA KURI KONTI N° 100250096687 YITWA PBA/Intangirwa ry'Intandikompesha IRI MURI Bank of Kigali Plc MU GIHE GITANGIRWA N'ITEGEKO.
- USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KURUBUGA RW'IKORANABUHANGA RW'INYANDIKOMPESHA ARIRWO WWW.CYAMUNARA.GOV.RW
- GUSURU UMUTUNGO IZAKOMEZA TARIKI YA 10/10/2026 KUGEZA CYAMUNARA IRANGIYE MU MASAHU Y'AKAZI.
- IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KURUBUGA RW'IKORANABUHANGA RWAVUZWE HARUGURU.

NB:Uwatsanzwe ingwate n'uwashyiraye na byanyir'umutungo basabwwe gutanga email zabo bakoreshe muri systeme intangirizwamo inyandikompesha kugirango bahuzwe n'icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyo kugurisha ingwate.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI Tel: 0783288152

BIKOZWE NONE KU WA: 29/09/2026

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MUHIZA Christian



Soma Imvaho Nshya

www.imvahonshya.co.rw

Ibihe by’ingenzi byaranze imyidagaduro nyarwanda mu myaka 20



Umuhanzi Lucky Dube

MUTETERAZINA Shifah

Mu myaka isaga 20 ishize, u Rwanda rwakiriye abahanzi mpuzamahanga batandukanye, ibitaramo byabo bigasigira amateka uruganda rw’imyidagaduro bigasiga umunezero utazibagirana ku bakunzi b’umuziki.

Muri iyi inkuru Imvaho Nshya yabateguriye ibihe bitandukanye bitazibagirana mu myidagaduro nyarwanda mu myaka 20 ishize bigatanga ibyishimo ku bakunzi b’umuziki w’u Rwanda.



Abakunzi b’umuziki mu Rwanda ntibakwibagirwa uko Shaggy yabanyuze mu 2008

Ku wa 5 Ukuboza 2008, Sean Paul yataramiye kuri Stade Amahoro mu gitaramo “Turi Kumwe”, cyari mu bikorwa byo kumurika serivisi za Rwandatel 3G na GSM. Yase-rukanye na Koffi Olomide, Bebe Cool, Kidumu, Rafiki na Miss Jojo, igitaramo cyitabirwa n’abantu bagera ku 25 000, agaruka mu 2003, nyuma yongera gutaramira mu Rwanda yitabiriye FESPAD, yabaye tariki 12 Kanama 2006.

Igitaramo cyateguwe na Kigali Rotary Club, gifashwa n’ibigo by’abikorera, kikaba cyaratangaga ubutumwa bw’amahoro n’ubwi-yunge. Kuba cyarahuriye hamwe imbaga nk’iyo nyuma y’imyaka mike Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ibaye, cyasize umwi-hariko mu mateka y’imyidagaduro.

Mu 2006, Kigali yakiriye Wyclef Jean, wahoze mu itsinda rya Fugees. Igitaramo cye cyate-guwe na Flash FM, kiba kimwe mu bikorwa byagaragaje ko abahanzi bakomeye baturuka hanze y’Akarere batangiye kuza gutaramira mu Rwanda.

Mu 2017, Alpha Blondy yari yatan-gajwe nk’umuhanzi mukuru wa KigaliUp Music Festival, iseruki-ramuco ryashinzwe na Jacques “Mighty Popo” Murigande, ariko ntiyagera i Kigali.

Nyuma y’umwaka umwe, ku wa 26 Nyakanga 2018, yaraje aratarama muri KigaliUp aherekejwe n’itsinda rye Solar System, aririmba indi-rimbo nka Jerusalem na Brigadier Sabari. Kuba yari yarategerejwe muri 2017 ntaze, akaza koko mu 2018, byatumye igitaramo cye kiba kimwe mu byibukwa muri iri serukiramuco.

Ibi bitaramo bigaragaza uko u Rwanda rwagiye rwakira buhoro buhoro abahanzi mpuzamahanga, kuva kuri Lucky Dube kugeza ku bitaramo byakurikiyeho birimo



Ibitaramo birimo ibya Lucky Dube byaryoheje imyidagaduro nyarwanda mu myaka 20 ishize



Peter na Paul bahoze bagize itsinds rya P-Square



Abanyarwanda bataramiwe na Alpha Brondy byiyongera mu bihe bitazi bagirana bagize

ibya P-Square, Sean Kingston, Jason Derulo, Lauryn Hill, Stromae na Davido.

Kugeza ubu, u Rwanda rumaze kuba ubukombe mu kwakira inama mpuzamahanga n’ibi-taramo, aho ibyo bikorwa bimaze kugira uruhare mu kuzamura ubukungu bw’Igihugu.

Imibare y’Urwego rw’Igihugu

rw’iterambere yerekena ko mu 2025, mu rwego rw’ubukera-rugendo bushingiye ku nama, imurikabikorwa n’ibindi bikorwa mpuzamahanga (MICE) byin-jirije u Rwanda miliyoni 94,7 z’amadolariya Amerika, mu gihe rwakiriye inama n’ibikorwa mpuzamahanga 165, byitabirwa n’abagera ku 61 000.

Amavubi yatsindiye Cap-Vert iwayo mu guhatanira kujya muri CAN 2027



Ikiye y’Igihugu y’u Rwanda ‘Amavubi’ yatsinze iya Cape-Vert ibitego 2-1

SHEMA Ivan

Ikiye y’Igihugu y’u Rwanda ‘Amavubi’ yatsinze iya Cape-Vert ibitego 2-1 mu mukino w’umunsi wa kabiri wo mu Itsinda K ryo gushaka itike y’Igikombe cya Afurika cya 2027 (CAN 2027), yuzuzamunota atandatu kuri atandatu.

Uyu mukino wabereye kuri Estádio Nacional de Cabo Verde ku mugoroba wo ku itariki ya 29 Nzeri 2026.

Umutoza w’u Rwanda, Stephen Constantine, yari yakoze impinduka imwe, Mugisha Gilbert asimbura Kwizera Jojea mu bakinyi 11 babanje mu kibuga.

Cap-Vert yari imbere y’abafana bayo niyo yatangiye neza umukino ikinira cyane mu rubuga rw’Amavubi yakinaga yugarira.

Uburyo bwa mbere Amavubi yaremye bwari ubwo ku munota wa 15 ubwo Leroy Jacques Mickels yakinanaga

na Niyomugabo Claude wahinduye umupira wabisikanye na Vozinha Dias wari usohotse, ariko hakabura mugenzi wabo uwukina.

Nyuma y’iminota irindwi, Leroy Jacques Mickels yahinduye umupira mwiza mu rubuga rw’amahina ashaka mukuru we, Joy-Lance Mickels, ariko ntiyawugeraho.

Ku munota wa 32, Cap-Vert yahawe coup-franc itishimiwe n’abakinyi b’Amavubi, itewe na Sidney Cabral ikur-

giranye impinduka Iradukunda Elie Tatou asimbura Biramahire Abbedy. Izi mpinduka zahise zitanga umusururu kuku munota wa 52 Iradukunda Elie Tatou yatsinze igitego cya kabiri ku mupira wahinduwe na Joy Lance Mickels.

Ku munota wa 69, Umutoza w’Amavubi Stephen Constantine yongeye gukora izindi mpinduka Kwizera Jojea na Noam Emeran basimbura Mugisha Gilbert na Leroy-Jacques Mickels.

Mu minota 70, Cap-Vert yasatiriyemo bikomeye ishaka igitego cyo kwishyura mu minota yari isigaye mu gice cya kabiri, ariko umukino urangira itabigezeho. Umukino warangiye Amavubi y’u Rwanda yatsinze Cape-Vert ibitego 2-1, yuzaza amanota atandatu kuri atandatu.

Mugisha Bonheur wabonye ikarita y’umuhondo muri uyu mukino wa Cap-Vert, yakurikiye indi yabonye mu mukino wa Cap-Vert, azasiba umukino uzakurikiraho.

Mu igice cya kabiri, Amavubi yatan-



Umutoza Stephen Constantine yafashije Amavubi gutsinda imikino ibiri yikurikiranya bwa mbere gushaka itike ya CAN 2027

Shema Fabrice wayoboraga FERWAFa yeguye

SHEMA Ivan

Shema Ngoga Fabrice wari umaze umwaka ari Perezida w’Ishyirahamwe ry’Umupira w’Amaguru mu Rwanda (FERWAFa) yatangaje ko yeguye kubera ikibazo cy’ubunyangamugayo cyagaragaye ku giti cye. Ibarurwa y’ubwegure bwa Shema Fabrice yayishyikirije abanyamuryango ku wa kabiri, tariki ya 29 Nzeri 2026.

Yagize ati: “Natanze ubwegure bwanyije ku mwanya wa Perezida w’Ishyirahamwe rya Ruhago mu Rwanda, bukurikizwa muri ako kanya. Ni icyemezo cyafashwe mu bunyangamugayo bufitse aho buhuriye n’imyitwarire yanyije bwite.”

Yakomeje ati: “Ndizera ko guhagarika aka kazi ari cyo gikorwa cy’ingenzi mu kurinda ubusugire bw’ishyirahamwe, kugumana icyizere abantu barifitanye no kwemera ko ibikorwa bindi bikomeza mu bwisanzure nta cyangiritse.”

Shema Fabrice yongeyeho ko nyuma y’ubwegure yifurije umupira w’Amaguru w’u Rwanda kugira ubuyobozi bukorera mu mucyo, kandi yemera gukora iharererekanyabubasha kugira ngo akazi gakomeze gakorwe neza.

Yashimiye Inteko Rusange ya FERWAFa ari na yo yamutoye, Komite Nyobozi bakoranaga n’abandi bayobozi b’uru rwego, abafatanyabikorwa, Ikiye y’Igihugu, abafana n’abandi bose bamugirirye icyizere.

Iki cyemezo cyo kuva mu nshingano kwa Shema Fabrice kije nyuma y’ukwezi yari amaze mu manza zirebana n’indi mirimo akora hanze y’umupira w’Amaguru aho ku wa 22 Nzeri 2026 Urukiko rw’Ihanze rwa Nyarungenge rwamukatiye igihano cy’amezi atandatu asubitse kubera ibyaha yari akurikiranyweho byo gutanga sheki zitazigamiye no kwihesha ikuntu cy’undi hakoreshejwe uburiganya n’ihazabu ya miliyoni 3 Frw.



Shema wari Perezida wa FERWAFa yeguye

Mu mategeko ngenyamikorere ya FERWAFa ndetse no mu bisabwa abiyamamariza kuyobora uru rwego, hagaragazwa ko uri mu mwanya wo kuyobora iri Shyirahamwe agomba

“kuba atarigeze ahamwa n’icyaha agafungwa birenze amezi atandatu.” Igihano yakatiwe gituma atakaza ubunyangamugayo.

Mu mwaka yari amaze ari Perezida wa FERWAFa Shema yari yarakiranywe yombi n’abakunzi b’umupira w’Amaguru, kuko intego ye ya mbere yari ugushakira amukoro amakipe no kuyafasha kwibeshaho. Ku ikubitiro agira uruhare mu kuzamura amafaranga ahabwa amakipe yitwaye neza.

Uyu mugabo kandi yagize uruhare mu gushaka abakinyi beza bakina mu mahanga bafasha Ikiye y’Igihugu y’u Rwanda ‘Amavubi. Ikiye yegukanye Igikombe cya Shampiyona y’Icyiciro cya Mbere mu bagabo yahawe miliyoni 80 Frw, hanahembwa amakipe umunani, aho iya munani yacyuye miliyoni 10 Frw.

Muri rusange miliyoni 484 Frw yagiye mu bimbo mu mwaka we wa mbere ayobora iri shyirahamwe rya ruhago mu Rwanda. Kugeza ubu FERWAFa iyobowe na Me. Claudine Gasarabwe nka Perezida w’agateganyo, akaba yari asanzwe ari visi Perezida wa mbere ushinzwwe imari n’ubutegetsi.

Calvin Hemery yegukanye icyumweru cya mbere cya 'Rwanda Open M25'



Abakinnyi bahize abandi mu cyumweru cya mbere bashimiwe

SHEMA Ivan

Umufaransa Calvin Hemery yegukanye icyumweru cya mbere cy'Irushanwa rya Tennis "Rwanda Open M25"

atsinze Umunya-Zimbabwe Benjamin Lock amaseti 2-0 (6-3, 6-3) ku Cyumweru, tariki ya 4 Ukwakira 2026.

Uyu mukino wa nyuma wabereye

ku bibuga bya Tennis biri muri IPRC Kigali, ahakinirwaga iki cyumweru cya mbere kuwa ku wa 28 Nzeri aho ryahuje abakinnyi 32 babigize umwuga. Ritangira ryarimo Abanyarwanda babiri, Ishimwe Claude

adatakaje iseti n'imwe.

Intsinzi ya Hemery i Kigali yongeye gushimangira ubunararibonye bw'uyu mukinnyi w'imyaka 31, umaze igihe mu marushanwa mpuzamahanga.

Ku rutonde rwa ATP rwashyizwe hanze ku wa 21 Nzeri 2026, Hemery yari ku mwanya wa 321 ku Isi mu gihe urwego rwo hejuru yigeze kugeraho ari umwanya wa 116, yagezeho ku wa 30 Mata 2018.

Ni ku nshuro ya mbere Calvin Hemery yegukanye Rwanda Open mu mwaka we wa mbere ayitabira. Kwegukana iri rushanwa byatumye ahabwa amadolari ya Amerika 3 600 (agera kuri miliyoni 4,7 Frw)

na Niyigena Étienne, ariko bombi basezerewe mu ijongora rya mbere.

Muri ½ cy'irangiza, Umufaransa Calvin Hemery yari yasezereye mwenewabo Florent Bax atsinze amaseti 2-0 (6-4, 6-4) mu gihe Benjamin Lock ukomoka muri Zimbabwe yatsinze Umuholandi Max Houkes amaseti 2-1 (7-10, 3-6, 6-2)

Hemery yinjiye muri uyu mukino



Byari ibyishimo kuri Calvin Hemery ubwo yari amaze gutsinda umukino

ari we uhanzwe amaso cyane, bitewe n'ubunararibonye afite mu marushanwa mpuzamahanga ndetse n'urugendo rwiza yari yagize kuwa Rwanda Open M25 itangiye.

Mu mukino wa nyuma, uyu Mufaransa yatangiye ari hejuru ya Benjamin Lock, amushyiraho igitutu kuwa mu ntangiriro. Yegukanye iseti ya mbere ku manota 6-3, akomeza kwitwara neza no mu ya kabiri na yo ayitsinda 6-3, ahita asoza umukino

n'amanota 25.

Mu bakina ari babiri, iri rushanwa ryegukanywe n'Abanyamerika Axel Nefue na Noah Schachter batsinze Umurundi Allan Gatoto n'Umunya-Kenya Kael Shalin Shah amaseti 2-0 (6-3, 6-2).

Icyumweru cya kabiri cy'iri rushanwa kizakinwa kuwa ku wa Mbere, tariki ya 5 kugeza ku Cyumweru, tariki ya 11 Ukwakira 2026.



Abanyamerika Axel Nefue na Noah Schachter begukanye irushanwa mu bakina ari babiri